# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

**NO .E-4** | **TARIKI 11-17 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw**




Imvaho Nshya Siporo

Rayon Sports yatsinze AS Kigali ikomeza gushimangira umwanya wa mbere

Handball: U Rwanda rwegukanye umwanya wa 3 muri 'Inter-Continental Trophy'

**AMAKURU**

U Rwanda rugiye gutangiza ikigo gitanga amasomo y'umutekano w'ikoranabuhanga



5

**AMAKURU**

Abagendana insengero mu mifuka ntibazihanganirwa-RGB



6

**AMAKURU**

2014-2024: Hagarujwe miliyari 14 Frw muri 31 Frw z'umutungo wa Leta wanyerejwe



8

**MU NTARA**

Kayonza: Hafunguwe icyumba ntangamakuru ku bidukikije



13

# Nta kibi cyatubaho ubu kiruta icyatubayeho- Perezida Kagame

**KAYITARE Jean Paul**

***Umukuru w'Igihugu Paul Kagame yijeje Abanyarwanda umutekano ko nta n'ikibi gishobora kongera kubaho mu Rwanda bityo ko ntawe ukwiye kugira ubwoba.***

Yabigarutsemo ku Cyumweru tariki 16 Werurwe 2025 muri BKArena ubwo yaganiraga n'abaturage b'Umujyi wa Kigali muri gahunda yo kwegera abaturage.

Perezida Kagame yagarutse ku mateka y'intambara yo mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Congo, anakomoza ku nkunga u Rwanda rwahagarikiwe na bimwe mu bihugu.

Igihugu cy'u Bubiligi cyakolonije u Rwanda, Congo n'u Burundi ni kimwe mu byo yatunze urutoki agaragaza ko gikingira ikibaba abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yakomeje agira ati: "Nta kibi gishobora kutubaho ubu kiruta icyatubayeho, ni yo mpamvu mudakwiye kugira ubwoba na busa ariko ugize ubwoba ni we utinya gupfa."

Yabwiye Abanyarwanda ko icy'ibanze ari uko bakomeza kubaka igihugu cyabo no kubana neza n'abandi, ari abaturanyi n'abandi bakure u Rwanda rwifuza kubana nabo ariko ngo bagomba kuruha amahoro rwifuza kandi rukeneye.

KOMEZA KU RUP.3




**Perezida Paul Kagame yibukije Abanyarwanda ko nta gikwiye kubatera ubwoba**

## Madamu Jeannette Kagame yahawe igihembo mu bagore b'indashyikirwa ku Isi

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Madamu Jeannette Kagame yahawe igihembo nk'umugore w'indashyikirwa ku Isi, n'Abafasha b'Abambasaderi b'Abanyafurika bakorera muri Brazil ubwo bizihizaga Umunsi Mpuzamahanga w'Abagore.***

Muri ibyo birori byari bifite insanganyamatsiko igira iti: "Abagore bo mu Isi Yacu", Madamu Jeannette Kagame ni umwe mu bagore b'indashyikirwa bahawe ibihembo ku bw'ibikorwa bihindura Isi bakora binyuze mu buyobozi bwabo buzira amakemwa.

KOMEZA KU RUP.5

## U Rwanda rweruriye EU ko rutazikorera ibibazo bya RDC



URUP.2

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Abanyarwanda dukwiye kuba abo turi bo- Perezida Kagame

NYIRANEZA Judith

**Perezida Paul Kagame yasuye abaturage bo mu Mujyi wa Kigali, muri gahunda yo kwegera abaturage yagarutse ku ishusho y'Igihugu muri rusange, ariko by'umwihariko, abibutsa ko Umunyarwanda agomba kuba uwo ari we.**

Ku Cyumweru tariki ya 16 Werurwe 2025, yabivuzeho avuga ko badakwiye guterwa ubwoba n'ibihe.

Yasobanuye impamvu zitandukanye zituma Abanyarwanda tugomba kumenya ko dukwiye kuba abo turi bo, tukareba ibyacu, tugakora kuko hari abirirwa batuka u Rwanda batarwifuriza ibyiza.

Ati: "Ubu ibyo wirirwa ubona birirwa baturega, badukoronga, gukoronga ni ugutukana, bavuga mbere na mbere intambara iri muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo RDC, bakavuga ko M23 ishyigikiwe n'u Rwanda byagera kuri FDLR bakabivuga buhoro bongorera kuko ni byo bashaka ko izo Nterahamwe zagaruka zikica abantu."

Umukuru w'Igihugu yasobanuye ko byose imvano ari abakolonije u Rwanda, Ababiligi bakomeza kutarworohera kugeza naho bashishikariza Isi yose kurufatira ibyemezo.



Perezida Kagame yibukije u Bubiligi ko budakwiye gufata ijambo ku Banyarwanda

Ati "….byarangira u Bubiligi bwakolonije ibyo bihugu 3, bakagenda bajya i Kinshasa bagatunga urutoki u Rwanda baza kurufatira ibihano kandi baza kubibwira Isi yose kubikora ku Rwanda."

Yakomeje agaragaza ko ikibazo cya RDC bagihirikira ku Rwanda ariko ntibakomoze ku basize bahekuye u Rwanda.

Ati: "Kuri M23 bavuga ko bashyigikiwe n'u Rwanda, bagera ku Nterahamwe ntibavuge ko RDC izishyigikiye, ibyo se mwibwira ko ababivuga batabizi, bazi ibyo bavuga, ni ko babihisemo ni uko u Rwanda bagomba kurushyira mu kibazo ndetse bakaruhana uko babishaka."

Perezida Kagame yasabye Abanyarwanda kumenya neza ko hari abatifuriza u Rwanda gukomeza kubaho abaturage bafite imibereho myiza ndetse n'intambwe rukomeza gutera mu iterambere, asaba buri wese gukomeza inzira yo kwikorera.

# U Rwanda rweruriye EU ko rutazikorera ibibazo bya RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu gihe intambara y'amoko ikomeje mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), bimwe mu bihugu bihuriye mu Muryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) byihutiye gufatira u Rwanda ibihano.***


U Rwanda rwavuze ko rutazirengera ibibazo bya RDC

Guverinoma y'u Rwanda yeruriye ubuyobozi bwa EU ko u Rwanda rutiteguye kwikorera umutwaro w'imiyoborere mibi ya RDC hamwe no kuba Leta yarananiwe kubungabunga umutekano w'imbere mu gihugu.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yabikomojeho ubwo yahuraga na Kaja Kallas, Intumwa Nkuru ya EU ishinzwe Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane akaba na Visi Perezida wa Komisiyo ya EU.

Ni ibiganiro byabahuje ku itariki ya 10 Werurwe, aho bari bagaragiwe n'abandi bayobozi batandukanye ku mpande zombi.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko gufata ibihano bibogamiye ku nkuru zahimbwe na Guverinoma ya Congo ntacyo bizakora mu gukemura ikibazo cy'amakimbirane amaze imyaka 30 mu burasirazuba bwa RDC, uretse kuyongerera ubukana.

Ati: "Nahamije ko amakimbirane akomeje muri RDC atatangijwe n'u Rwanda, kandi ko tutazemera kwikorera umutwaro w'ingaruka z'imiyoborere mibi no kunanirwa kubungabunga umutekano bya RDC."

Yakomeje ashimangira ko ikiraje ishinga u Rwanda ari impungenge z'umutekano muke uturuka hakurya y'umupaka warwo nk'umusaruro w'ubufatanye bwa Leta ya Congo n'umutwe w'Abajenosideri wa FARDC bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Impungenge ku mutekano w'u Rwanda zibagiranye kera ndetse hari n'abazitesha agaciro, mu gihe hari ikibazo gikomeye gituruka ku mutwe w'iterabwoba w'Abajenosideri wa FDLR ndetse n'ingabo gashozantambara ziyunze ku za Congo zakoreraga ku bice byegereye umupaka wacu."

Itangazamakuru riheruka gusura ibice byegereye umupaka w'u Rwanda na RDC ryasanze hari harubatswe ibirindiro bikomeye bya FDLR, Ingabo za SADC, abacanshuro b'i Burayi, hamwe n'ibitwaro karundura bikekwa ko byari ibyo gutera u Rwanda kuko hari n'amakarita yagaragazaga uduce tuzibasirwa.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko gusobanura nabi ikibazo cya RDC no gufata ingamba zibogamiye kuri RDC bitazatanga igisubizo kizima mi rugendo rw'amahoro.

Yakomeje agira ati: "Icyo bizakora gusa ni ukongerera RDC imbaraga zo gukurura igihe cy'amakimbirane, no gutesha agaciro urugendo rw'ubuhuza ruyobowe n'Afurika, ari na rwo u Rwanda rwiyemeje gushyigikira byuzuye."

Nubwo EU itahise yemeranywa ku gufatira u Rwanda ibihano mu buryo bweruye, mu mpera z'ukwezi gushize Kaja Kallas yavuze ko uwo Muryango ugiye gusubiramo amasezerano uheruka kugirana n'u Rwanda.

Yavuze ko bo batiteguye kugera ikirenge mu cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu gufatira ibihano bamwe mu bayobozi b'u Rwanda.

Nyuma y'ibiganiro na Minisitiri Nduhungirehe, Kaja Kallas yavuze ko u Rwanda na RDC bikwiye gusubira ku meza y'ibiganiro.

U Bwongereza, u Bubiligi n'u Budage bihugiye muri uwo Muryango byamaze gutangaza ibihano byiganjemo iby'ubukungu byafatiye u Rwanda.





# Nta kibi cyatubaho ubu kiruta icyatubayeho- Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

Ati: "Dufite igitutu, aho kugira ngo ucike intege, igitutu gikwiye kuvamo imbaraga zo gukoresha imbaraga zo gukomeza uhagaze ujya imbere, turi ku rugamba tugomba kurwana twese turi hamwe ariko njya mbwira abantu ko nta cyatunanira, tuba tutarashize cya gihe, ubu ni bwo twashira? nta kintu nanone cyakongera kuba kuri twe."

Perezida Kagame yavuze ko atayobewe ko amateka akomeye kurusha ibyo byose ku buryo abo wita inshuti, ku ruhande rumwe ngo ari bo baguhesha ukuboko kumwe bakakwambura bakoresheje ukundi kuboko.

Impamvu nayo ni ukugira ngo umuntu agume muri ayongayo adapfuye atanakize. Ati: "Ntupfuye ntukize, baguhorane batyo, baguhorane udakize utanapfuye ariko ubemereye ugapfa ntacyo bibatwaye, ni ukuri utarabona ubuhamya, ntabwo arabona uko Isi iteye.

Twe nk'Abanyarwanda n'abanyafurika bandi, biroroshye kuguma aho hagati, udapfuye ariko utanabayeho birenze uko abantu benshi babayeho, ntacyo bigusaba.

Rero njye nari nzi ko Abanyarwanda twahisemo n'abandi banyafurika twese turagerageza bigaterwa n'ubushake n'imbaraga abantu babishyizemo."

Mu myaka 30 ishize n'indi yayibanjirije byinshi, Umukuru w'Igihugu Paul Kagame yibukije ko u Rwanda rwatakaje Abatutsi benshi.

Ababigizemo uruhare batari Abanyarwanda kandi bagize uruhare runini ruruta urw'Abanyarwanda batumye bimera bityo, ngo ni bo abongabo n'uyu munsi bagikurikirana u Rwanda barubuza amahwemo ndetse banaruziza ko ruva hahandi udapfuye ntukire.

Ati: "Ibyo bakabikuziza kubera ko utari hahandi udapfuye udakize gusa bagashaka kukwereka ko bashaka kugusubiza ahongaho.



Perezida Kagame yibukije Abanyarwanda ko bagomba kuba abo ari bo

Twagize ibyago ariko bahisemo kutabyumva, ibyago twagize ni uko twakolonijwe n'agahugu gatoya nk'u Rwanda, ubwo ni u Bubiligi mvuga kandi ndaza kubwihanangiriza.

U Bubiligi bwishe u Rwanda bukica Abanyarwanda, abasigaye rukongera rukabica, twarabihanangirije kuva kera turaza no kubihanangiriza n'ubungubu."

Intambara yo mu Burasirazuba bwa Congo yagizwe iy'u Rwanda, Perezida Kagame yavuze ko atari u Rwanda rwayitangiye ahubwo icyo abayitangiye bashakaga ari cyo u Rwanda rurwana nacyo.

Intambara yo muri Congo ifite inkomoko igenda ikagaruka ku mateka. Yagaragaje ko abantu bitwa abanyarwanda bamwe bagiye bisanga hakurya y'imipaka, ko atari u Rwanda rwabatwayeyo.

Yagize ati: "Ntabwo ari u Rwanda rwatwaye Abanyarwanda za Kisoro muri Uganda, Masisi na za Rutshuro n'ahandi, ntabwo ari u Rwanda rwabajyanyeyo. Aho bisanze, abo muri ibyo bihugu ngo musubire kuba aho mukwiye kuba muri, niba ushaka kubikora birukanane n'ubutaka bwabo.

Hanyuma rero iyo uje kubikururamo u Rwanda, u Rwanda rukazira ko [….] twagira dute se? turahangana n'uwo muriro.

Iyo udafite n'amikoro nkuko n'ayacu afite aho agarukira, ukoresha umutima utagira aho ugarukira, n'ubushake n'amikoro ufite."

Intambara yo mu Burasirazuba bwa Congo imaze imyaka 3, yahakanye ko itavuye mu Rwanda kandi ko ari ibintu yasobanuriye amahanga.

**Yakomoje kuri Gen Gakwerere wo muri FDLR uherutse koherezwa na M23**

Perezida Kagame yavuze ko uwitwa Gakwerere yishe abantu, akica abavandimwe, yica Abanyarwanda ariko ngo si we wenyine ni uko ari we wafashwe ejobundi mu gihe abandi baguye ku rugamba.

Yagize ati: "Iyo uvuze FDLR, iyo uvuze interahamwe ushaka ko baba bangahe kugira ngo bibe ikibazo?

Gakwerere wafashwe ejobundi, wamubaramo abantu benshi kuko ni ingengabitekerezo ya Jenoside yo kwicana ndetse bagiye hariya barayikuririza bafatanyije n'ubuyobozi bwa Congo bakica abantu ku manywa y'ihangu za Goma."

Perezida Kagame yanakomoje ku muryango uharanira uburenganzira bwa muntu, Human Rights Watch, avuga ko atemeranywa n'ibyo utangaza kandi ko atajya amenya ibyawo.

HRW ikunze gutangaza mu maraporo yayo ko u Rwanda rutubahiriza uburenganzira bwa muntu.

Yavuze ko nta muntu ukwiye kugenera undi uko agomba kubaho ndetse anakomoza ku mahanga yahisemo kwifatanya n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yavuze ati: "Ntabwo waza gupima ubuzima bwanjye uko ngomba kubaho, urabikora nkande? abo barwana muri Congo ariko abantu birengagiza amasezerano yabaye mu masezerano yo mu 2012.

Ari icyo gihe na mbere yaho, aba bantu bagiye bumvikana na za Leta zari ziriho ariko ejobundi biraza birivanga, bijyamo ya ngengabitekerezo, bijyamo Leta ya Congo noneho bijyamo n'abandi banyafurika uko bateye sinkuzi, baragenda bajya ku ruhande rwa Leta kwica abantu bayo, bajya gufasha interahamwe kongera kwiyubaka.

Hari abantu bari babiri inyuma zijya kwica abantu mu Rwanda, zari zifite abantu bazishyigikiye ni nabo baziherekeje zibaho kugeza n'uyu munsi."

Ikibazo gishyira u Rwanda mu mateka, Perezida Kagame yagihereye kuri Gakwerere wazanye n'abandi bo muri FDLR bamazeyo imyaka 30.

Ni ikibazo yagaragarije amahanga ndetse ayereka inkeke u Rwanda rufite. Ni kenshi u Rwanda rwagaragaje amabombe yajugunywe mu Kinigi ariko rukabwirwa ko abagize FDLR ari abantu bake.

Ati: "Ibyo bubakaga ejo bundi ntabwo ari ibyo gushyigikira interahamwe gusa, byari ibyo gutera u Rwanda, Perezida wa Congo akavuga ngo azatera u Rwanda azaruhindura uko ashatse, akabivuga uyu munsi akabisubiramo bwa gatatu.

Arabivuga ari interahamwe arimo kubaka, hari abaje kumufasha abacanshuro; nabaherukaga kera, barabazanye mwarababonye nabo ubanza baranyuze hano, ariko ntawabarenganya ntabwo bazi uko aka Karere gateye, barabazanye, ubu wabazana bakamenya gutoranya ngo uyu ni ikingiki?

Ubundi batubwira ko mu mategeko, abacanshuro, batemewe ariko muri aka Karere kuko barwanya u Rwanda biremewe, ni uko baje."

Mbere y'intambara yo mu Burasirazuba bwa Congo na nyuma y'iyo ntambara ntawe u Rwanda rutagaragarije iteje ikibazo ruzakora ibishoboka byose rukabirwanya.

Perezida Kagame yavuze ko hari abirirwa bakoronga (batukana) bavuga ngo intambara iri muri Congo ari iy'u Rwanda kandi ko ishyigikiwe n'u Rwanda byagera kuri FDLR bakabivuga bongorera.

Ati: "Bavuga AFC/M23 bakagaragaza ko bashyigikiwe n'u Rwanda ariko bagera ku nterahamwe ntibavuge ko zishyigikiwe na Leta ya Congo.

KOMEZA KU RUP.5



Harimo kurebwa uko hatangizwa ikigo gitanga amasomo y'umutekano w'ikoranabuhanga

# U Rwanda rugiye gutangiza ikigo gitanga amasomo y'umutekano w'ikoranabuhanga

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y'Ikiranabuhanga na Inovasiyo yatangaje ko umwaka wa 2025 uzarangira mu Rwanda hatangijwe ikigo cyigisha amasomo ajyanye n'umutekano w'ikoranabuhanga (Cyber Academy).***

Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT) Ingabire Paula, yabikomojeho mu kiganiro yagiranye n'Abadepite bagize Komisiyo y'Imiyobore n'Uburinganire bw'Abagabo n'Abagore, ku wa Kane tariki ya 13 Werurwe 2025.

Ibyo biganiro bagiranye byibanze ku bibazo byagaragaye muri Raporo y'Urwego rw'Imiyoborere (RGB) yo mu 2023-2024.

Minisitiri Ingabire yavuze ko icyo kigo kizajya gitanga amasomo yigisha abaturage gukoresha ikoranabuhanga no kurinda umutekano w'amakuru batangaza.

Yashimangiye ko 'Cyber Academy' izanafasha urubyiruko guteza imbere igihugu mu buryo bw'ikoranabuhanga, guhanga ibishya no kwirinda bo ubwabo mu gihe baribyaza umusaruro.

Yagize ati: "Icyo kigo uyu mwaka kizaba cyamaze kujyaho, tuzafatanya n'abafatanyabikorwa batandukanye, icyo kigo gitangire gitange ayo masomo mu Rwanda".

Gahunda z'imyigishirize ya 'Cyber Academy' ishingiye ku masomo, amahirwe y'imyigire, imikorere np kwagura ubunyamwuga mu bumenyi bujyanye no kubungabunga imibereho n'umutekano mu by'ikoranabuhanga.

Ni ishuri ryubakira ku mahugurwa ajyanye n'ibikenewe ku isoko, ubumenyi mu kubungabunga umutekano mu by'ikoranabuhanga, kwagura ubumenyi mu rwego rw'ikoranabuhanga, ndetse no kwagura ubufatanye n'ubushakashatsi ku rwego mpuzamahanga.

# "Ibyo kurota urusengero bugacya urushinga byasubiwemo"

**KAMALIZA Agnes**

***Hari abayobozi b'amadini n'imiryango ishingiye ku myemerere bagaragaza ko amabwiriza mashya y'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) agiye guca akajagari karangwaga mu nsengero aho umuntu yabyukaga agahita arushinga aho ashatse.***

Mu mabwiriza mashya ya RGB harimo kuba umuryango mushya ugiye gushingwa uzajya utanga inyemezabwishyu ya miliyoni 2 Frw ya serivisi adasubizwa yo gusaba ubuzima gatozi, kuba yarabyize, urutonde rw'abantu 1 000 batuye muri ako Karere ugiye gukoreramo basinye bagaragaza ko bawushyigikiye, gukorera mu nyubako yabugenewe no kuba amafaranga yose aturwa n'abakirisitu azajya anyuzwa kuri konti Abakirisitu bakamenya icyo uwo muntungo ukoreshwa.

Abayobozi b'imiryango ishingiye ku myemerere bizeye ko ayo mabwiriza mashya ya RGB azaca akajagari kagaragaraga muri imwe muri iyo miryango.

Mu kiganiro na RBA Mufti w'u Rwanda, Sheikh Sindayigaya Mussa, yavuze ko ayo mabwiriza agamije ko umurimo wakorwa mu buryo bunoze kandi bigaragarira buri wese ko ushinzwe ukenewe.

Ati: "Niba umuntu agiye gushinga ishami ry'umuryango ushingiye ku myemerere ndetse nongereho na ya mikono y'abantu bo kumusinyira, icyo bigamije ni ukugira ngo ishami koko rishingwe bigaragara ko rikenewe. Ugiye kuri biriya by'impamyabumenyi ni ukugira ngo azaze koko yarabyigiye, ari umuntu wize Bibiliya ufite ubwo bumenyi. Natwe ku rwego rw'idini ya Isilamu yakagombye kuba ari umuntu wize ibyo bintu."

Bishop Floribert Kabera, Umuvugizi akaba anahagarariye mu mategeko itorero Jehovah Jireh, yavuze ko amabwiriza azaca akajagari katumaga abantu bashinga amatorero mu buryo budafututse.

Ati: "Ibyatezaga akajagari ni uko umuntu yabyukaga mugitondo agafungura itorero agashyira iruhande rwa mugenzi we.



Hasohotse amabwiriza mashya ku ushaka gushinga umuryango mushya ushingiye ku myemerere

Twemera ko umuntu ashobora guhamagarwa n'Imana ariko muri iki gihe Imana itanga ubwenge kuko ikunda abantu bajijutse; rero kwiga na byo ntabwo ari bibi."

Icyakoze yavuze ko muri aya mabwiriza harimo inzitizi kuko imikono y'abantu igihumbi ari myinshi nibura ishobora kugabanywa ikaba hagati ya maganabiri na maganatanu, ndetse n'amafaranga y'ubuzima gatozi akaba nibura hagati y'ibihumbi magana atanu na miliyoni.

Umuyobozi wa RGB, Dr Uwicyeza Doris Picard, avuga ko amabwiriza agamije kurengera inyungu z'umukirisitu, ndetse mu buryo bw'imari abatanga amaturo bakamenya icyo akoreshwa hirindwa amakosa.

Ati: "Abantu baratura ariko ntumenya ngo amafaranga ajya he? Twasanze hari amatorero atagira konti, kandi buri cyumweru baratura, bayabika he? Niba mwayabonye nk'itorero murayashyira he? Ni ukurengera inyungu z'abatanga amafaranga."

Dr Uwicyeza yagaragaje ko ayo mabwiriza mashya ataje kubangamira abantu mu myemerere ahubwo agamije kunoza imikorere, amadini n'amatorero agakorera mu mucyo kandi akagira uruhare mu bikorwa bifitiye Abanyarwanda akamaro.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dr Mugenzi Patrice yagaragaje ko imiryango ishingiye ku myemerere ifitiye inyungu Abanyarwanda, kandi ko kuba hari ayo mabwiriza yashyizweho agamije guhuzwa n'amategeko byose bigamije inyungu ku Banyarwanda.

Ati: "Umuturage ari ku isonga, ni yo mpamvu buri gihe duhora dutekereza icyamuteza imbere. Aya mabwiriza rero na yo aje aje guteza imbere umuturage wacu, ari we Mukiristu muri iyi miryango ishingiye ku kwemera."

Amakosa ateganywa muri aya mabwiriza harimo nko gushinga ishami utabisabiye uburenganzira bihanishwa kurihagarika, umuryango warishinze ugacibwa ihazabu ya miliyoni 5 Frw, na ho umuntu uhagarariye imiryango irenze umwe ishingiye ku myemerere ahanishwa kwamburwa uburenganzira bwo kuyihagararira yombi.

Muri ayo mabwiriza kandi biteganyijwe ko imiryango ishingiye ku myemerere yari isanzwe ikorera mu Rwanda igomba kuba yajyanishije imikorere yayo n'amabwiriza mashya bitarenze amezi 12.

Umuntu uri mu bagize inzego z'imiyoborere z'umuryango ushingiye ku myemerere, kandi agomba kuba afite nibura imyaka 21, atarakatiwe bidasubirwaho igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa.

By'umwihariko ujya muri izi nzego z'ubuyobozi agomba kuba atarahamwe n'icyaha cya Jenoside, icy'ingengabitekerezo ya Jenoside, icy'ivangura cyangwa icyo gukurura amacakubiri.





# Nta kibi cyatubaho ubu kiruta icyatubayeho- Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.3

Bararangiza bakadufatira ibihano, barabanje bishyira hamwe ngo barwanye u Rwanda ariko ibyo byagiye ku ruhande kuko turashaka kubana neza n'abo babiri mvuze."

U Bubiligi bwakolonije ibihugu bitatu ariko bujya i Kinshansa bugatunga urutoki u Rwanda bukavuga ko baza kurufatira ibihano kandi ko bazabwira Isi yose kubikorera ku Rwanda.

Ati: "Ariko se wowe nta soni ugira? aho isoni zikwiye gutangirira guhamagarira Isi yose guteranira ku Rwanda, u Rwanda uko rungana, uko twicaye aha tugateranirwaho n'Isi yose, ibyo ntibikwiye gutera isoni, baturetse ko turi aho dushaka kwirwanaho, tugiye kuzira ko tungana na bo."

Akomeza agira ati: "Baduhereye kera na mbere yaho y'intambara cyangwa igitangira, tukabiyama, tukareba hirya. […] babanza kwanga ambasaderi wacu, ngo hari uko atakoranye neza na Congo, mu kanya bati ntabwo tubemerera ko mukora mutya, Abanyarwanda ko mwemera Imana, Imana yashinze Abanyarwanda abangaba? Turaza kubibutsa neza ko atariko bimeze.

Mu buryo bwacu butari bwinshi cyane turaza guhangana na bo, ndavuga abo birirwa batwiruka inyuma badukoronga, aba batunanira, hari ibintu byacu bimwe baza kugomba kwigomwa bakaduha amahoro, ndabivuga mbateguza ariko namwe mbateguza Abanyarwanda.

Muri iyi myaka tumaze turashaka kuba Abanyarwanda ntidushaka kuba Ababiligi, abo bitarajyamo, Abanyarwanda bitarajyamo ko bakwiriye kuba bo ko dukwiriye kuba Abanyarwanda tudakwiriye kuba aba badukonije rwose tukabiyuhagira, ubu ndababwira nta kantu ndibusige.

Ni yo nzira turimo, dukwiye kuba twe, tukabana n'abantu tukikorera ibyo tugomba gukora rwose ni ko mbyumva sinzi niba hari ubyumva ukundi, Abanyarwanda tugashyira hamwe, tukumva inzira yacu itwubaka, ibitekerezo bitandukanye bikajya hamwe hanyuma tugahangana n'abashaka gusenya igihugu cyacu."

Kubohora u Rwanda byavunnye abantu ndetse abandi batanze ubuzima, Abanyarwanda batanze ubuzima bwabo kugira ngo igihugu kibe uko kimeze.

**Yateguje Abanyarwanda gufunga umukandara**

Nyuma y'aho hari ibihugu bitangaje ko bihagaritse inkunga byageneraga u Rwanda, Umukuru w'igihugu yateguje Abanyarwanda gufunga umukandara kugira ngo bashobore guharanira ukuri kwabo.

Ati: "Twebwe Abanyarwanda twitegure gufunga umukandara, si ugufunga umukandara gusa ahubwo ni uguharanira ukuri kwacu, dufite inyota yo kurwanira… sinzi ko ubushake ari bwo bwabura rwose ntibikatubeho….

Ubu buracya twapfuye kubera ibihano? N'abateza ikibazo barasaba ibihano, utekereza iki kuri ibi bihano, ariko Ababiligi batubwiye ko hari ikintu, ngo tugiye gufata icyemezo kubera ko hari uwabikubwiye.

Nabwo iyo ubabwiye, ntibagusobanurira ngo nkore iki mutaduha ibyo bihano, ngo irengagize izi nterahamwe zakwiciye abantu…

Abanyarwanda nashakaga kubabwira ibyo, buri wese arivugira ibyo ashatse, twe dukomeze inzira yo kwikorera, ntawe dushotora, ntawe twanduranyaho ariko iyo umuntu ashaka kukwica ubigenza ute? ibyo byo ntabyo ndimo mu mbabarire munyumve, nunkubita mu musaya umwe nugira amahirwe urasigara ari muzima, iyo ni yo dini yanjye."

# Madamu Jeannette Kagame yahawe igihembo mu bagore b'indashyikirwa ku Isi



Madamu Jeannette Kagame yahawe igihembo cy'indashyikirwa

IBIKURIKIRA URUP.1

Madamu Jeannette Kagame ni umubyeyi akaba n'umuvugizi w'abatishoboye mu nzego zitandukanye mu Rwanda.

Mu myaka amaze ari mu mwanya w'Umufasha w'Umukuru w'Igihugu, Madamu Jeannette Kagame yashoye imbaraga nyinshi mu kubaka ubushobozi bw'abana by'umwihariko ab'abakobwa mu burezi, kubaka indangagaciro zikomeye z'umuryango no guharanira uburinganire n'agaciro umugore wese akeneye mu muryango nyarwanda.

Ni we Muyobozi w'Icyubahiro w'Ishami ry'u Rwanda ry'Umuryango SOS Children's Village, akaba Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club, uharanira kwimakaza imibanire myiza muri sosiyete no gutanga umusanzu mu iterambere rirambye ry'u Rwanda.

Madamu Jeannette Kagame nanone kandi ni we uyoboye Umuryango Imbuto Foundation wahereye ku gutanga umusanzu mu rugamba rwo guhashya virusi itera SIDA nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ukagera ku bikorwa byagutse bigera ku bagenerwabikorwa batandukanye.

Madamu Jeannette Kagame ari mu bashinze Umuryango w'Abagore b'Abakuru b'Ibihugu by'Afurika urwanya HIV/SIDA (OAFLA), akaba yarawuyoboye guhera mu 2004 kugeza mu 2006, ubu akaba abarizwa mu nama z'ubuyobozi bw'Ibigo bikora ku iterambere ry'Afurika.

Nk'umwe mu bashinze amwe mu mashuri agezweho mu Rwanda, ubuzima bwa Madamu Jeannette Kagame ni igihamya cy'ukwiyemeza kwe mu guharanira kongerera ubumenyi abakiri bato ngo bizabafashe kubaka u Rwanda rubereye Abanyarwanda.

Yatangije imishinga myinshi ndetse agira uruhare rukomeye mu guhindura ubizima bw'abaturage batishoboye kurusha abandi batagira ingano.

By'umwihariko icyo ashimira ni umusanzu yatanze kandi akomeje gutanga mu kurwanya indwara z'ibyorezo, kurwanya ubukene, kwimakaza uburezi, kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana bakiri munsi y'imyaka itanu, kurwanya ihohoterwa rishingiye mu gitsina, no gukumira inda ziterwa abangavu.

Uretse gahunda yatangije ubwe afashijwe na PACFA nyuma hakavuka Imbuto Foundation, Madamu Jeannette Kagame ni umubyeyi wazamuye ijwi avugira abategura za Politiki, abafatanyabikorwa mu iterambere na Sosiyete Sivle hagamijwe kuvugurura za politiki, imitangire inoze ya serivisi ndetse n'akamaro ko gufasha imiryango.

# Abagendana insengero mu mifuka ntibazihanganirwa- RGB

**Kamaliza Agnes**

***Amabwiriza mashya agenga imiryango ishingiye ku kwemera, yatangajwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imyoborere (RGB), hasobanuwe ko nta kwihanganira abagendana insengero mu mifuka, kubera ko hagamijwe kurengera Abanyarwanda, kuko ari nabo bakirisitu, abayoboke cyangwa abizera b'amadini n'amatorero.***



**Insengero si umutungo bwite wa nyiri urusengero ku buryo bawucunga uko bishakiye**

Ni ubutumwa bukubiye mu kiganiro ku mabwiriza mashya arebana n'imiryango ishingiye ku myemerere cyatambutse kuri televiziyo y'u Rwanda kuri uyu wa Mbere tariki ya 10 Werurwe 2025

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, Dr Uwicyeza Doris Picard yavuze ko nta kwihanganira abagendana insengero mu mifuka, kuko umutungo w'amadini n'amatorero isoko yawo ari Abanyarwanda, abayoboke bayo.

Yagize ati: "Nta mpaka twagira nk'abagendana insengero mu mufuka, umutu aragenda akandikisha itorero rye, akagenda agakodesha ugasanga n'inyubako imwe bayikodesheje ari batanu. aho agiriye ikibazo arafunze agiye ahandi, agaterura utuntu twe agiye ahandi, ejo ni uko ugasanga aho hose agiye ahasiga ibibazo.

Ibyo ntituzihanganira kuvuga ngo umuntu afite urusengeri hejuru yashyizeho akabari, ku wa Gatanu azaba ari akabari, ku wa Gatandatu yashyizeho urusengero izo zigendanwa mu mufuka ntizizihanganirwa. "

Yongeyeho ko hari n'abandi batekerezako bashobora gukorera mu nsengero batira, ariko ko nabyo bitazihanganirwa.

Ati: "N'abandi bavuga ngo njyewe urusengero rwanjye ntirwujuje ibisabwa ariko nzajya nkodesha urundi rwujuje ibisabwa, mwese muzakwa ubuzima gatozi, ibyo nta mpaka zigibwaho."

Dr Uwicyeza yakomeje asobanura ko ayo mabwiriza nmashya hari ibyo aje gukemura bisanzwe mu mikoranire n'imiryango ishingiye ku myemerere.

Yagize ati: "Hari abo twagiye dusanga abagiye bafata umutungo w'abantu bakawikoreshereza ibyo bashaka nkaho ari umutungo bwite, hakaba n'ibibazo by'iyezandonke, abafata umwanya n'ibitekerezo by'abaturage bagakora ibyaha birenze kuba byafungwa gato."

Imbarutso yabaye ko itegeko ryo mu 2018harebwe uko ryubahirizwa bigaragara ko harimo imyitwarire imwe n'imwe y'amatorero idahwitse, itajyane n'amategeko n'umuco n'icyerekezo cy'Igihugu, gusa ku rundi ruhande hakaba n'ibikorwa nk'amashuri, amavuriro yubatswe n'amatorero n'amadini.

Ati: "Ni urwego rukoresha amafaranga aturuka mu baturage ariko ukanasanga ni rwo rwego rutagaragaza uko akoreshwa, hari izindi nzego zifata amafaranga y'abaturage ariko ntihamenyekane uko akoreshwa, aha ni ugushimangira kurushaho kugaragaza uko akoreshwa mu mucyo, akamaro bagirira abaturage kuko ni amafaranga yabo, bafite amafaranga rusange ariko bafite n'ibitekerezo rusange."

Umuyobozi Mukuru wa RGB yanenze abasa nk'aho bafashe bugwate abayoboke babo ntibagire indi mirimo y'iterambere bakora bakiririrwa mu nsengero.

Yagize ati: "Hari amatorero yagiye agaragagz ko afata umwanya wose w'abaturage kuva ku wa Mbere kugera ku Cyumweru biririrwa bicaye ahongaho, aya mategeko ni ugukumira gufata abaturaghe nk;ingwate, bakiririrwa mu nsengero ibyo ntibyatuma abaturage batera imbere ufata abaturage ukabaka umwanya wabo wose, amafaranga…."

Yongeyeho ati: "Hari abashinga insengero nka business, ibyo ni ibyo gukumirwa, ni ukurebera abaturage, ni ukureba ikigirira akamaro abantu muri rusange ibikubiye muri aya mbawiriza ni ugukumira amatorero usanga abadiyakoni, abahereza, abantu bahora ku rusengero, ntumuhembye kuko arimo gukorera Imana, usanga bakoresha uburetwa umuntu uhahora nta mushahara, nta bwishingizi runaka, narwara biragenda bite?"

Dr Uwicyeza yagaragaje ko ayo mabwiriza mashya ataje kubangamira abantu mu myemerere ahubwo agamije kunoza imikorere. Amadini n'amatorero agakorera mu mucyo kandi akagira uruhare mu bikorwa bifitiye Abanyarwanda akamaro.

Muri Nyakanga 2024, mu nsengero zigera ku 14 000 muri zo izigera ku 9 000 zarafunzwe, kuko zitari zujuje ibisabwa.

## Amb Busingye yahagarariye u Rwanda mu birori by'umunsi wahariwe Commonwealth



**Amb. Johnston Busingye yitabiriye ibirori byo kwizihiza Umunsi wahariwe Umuryango wa Commonwealth**

**NYIRANEZA Judith**

***Ambasaderi Busingye Johnston yahagarariye u Rwanda mu birori byo kwizihiza Umunsi wahariwe Umuryango wa Commonwealth.***

Ibi birori byayobowe n'Umwami Charles III wavuze ko "Ubushobozi bwa Commonwealth bwo guhuza abantu baturutse ku Isi yose bwagaragaje mu bihe bikomeye aho abantu bizera ko ibibatanya ari ibibazo aho kuba isoko y'imbaraga n'amahirwe yo kwiga."

Kwizihiza umunsi wahariwe uyu Muryango wiganjemo ibihugu byakolonijwe n'u Bwongereza (Commonwealth Day/Empire Day), byabaye ku wa Mbere tariki ya 10 Werurwe 2025.

Uyu munsi watangiye kwizihizwa mu mwaka wa 1902 nyuma yo gutanga k'Umwamikazi w'u Bwongereza Victoria ku ya 22 Mutarama 1901. Ni umunsi wizihizwa ku wa Mbere w'icyumweru cya kabiri cya Werurwe buri mwaka uretse mu Buhinde wizihizwa taliki ya 24 Gicurasi yari umunsi w'amavuko w'Umwamikazi Victoria.

Kwizihiza Umunsi wa Commonwealth bifatwa nk'amahirwe y'abanyamuryango yo guhurira hamwe bakazirikana ubushuti n'ubufatanye bw'ibihugu byabo biherereye hirya no hino ku Isi.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Gukumira impanuka mu muhanda birashoboka*

Icyerekezo umuntu ajyamo iteka gihora ari ingenzi kurusha umuvuduko akoresha kugira ngo akigereho, kandi kwirinda biruta kwivuza. None se byaba bimaze iki kwirukankira kugera iyo ujya hakoreshwa amasaha abiri mu isaha imwe, bikarangira urenze umuhanda ugapfa utaragerayo?

Ku Isi, abantu bakabakaba miliyoni 1.2 babura ubuzima kubera impanuka zo mu muhanda, zikaba ari zo zitera imfu nyinshi mu bana n'urubyiruko bari hagati y'imyaka 5 na 29 y'amavuko nk'uko bishimangirwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS).

Bivugwa kandi ko nibura 92% by'imfu zibera mu mihanda zibarurwa mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere kabone nubwo ari byo byinshi kandi bikaba bifite 60 by'ibinyabiziga ku Isi.

OMS ivuga kandi ko hejuru ya kimwe cya kabiri cy'imfu ziterwa n'impanuka zo mu muhanda zibasira abanyamaguru, abagenda ku magare na moto, bivuze ngo zitwara ubuzima bw'abantu benshi bafite ubushobozi buke kurusha abo zitwara bishoboye.

Kuki ari ingenzi guharanira kwirinda impanuka zo mu muhanda? Ese koko impanuka zibaho kubera ko ari ko byagombaga kugenda, cyangwa "ari ko Imana yabishatse?"

Buri wese yagira icyo abivuvaho, ariko hari impamvu zagenzuwe n'impuguke ziri mu bitera impanuka, kandi muri izo zose nta n'imwe igaragaza ko kwamburwa ubuzima cyangwa gukomeretswa na zo byaba ari igeno rya bamwe mu gihe abandi bakingiwe kuri zo.

Muri izo mpamvu zemejwe harimo uburangare, umuvuduko ukabije w'ibinyabiziga, kuyobora ibinyabiziga wanyoye ibisindisha n'ibindi biyonyabwenge, kutubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga abakoresha umuhanda, imihanda idateanye, ibinybiziga bidasuzumwe, n'ibindi.

Izo mpamvu n'izindi nyinshi zitavuzwe zigira ingaruka zikomeye zirimo kubura ubuzima no kongera umutwaro uremereye ku miryango no ku gihugu, aho ibihugu byinshi bitakaza nibura 3 by'ubukungu bwabyo mu guhangana n'ingaruka z'impanuka.

Ikibabaje kurusha ibindi ni uko uburangare bw'umuntu umwe gusa mu muhanda bushobora gutwara ubuzima bw'abandi ibihumbi n'ibihumbi babaye maso, cyangwa se badafite amakosa yakabaye abatera izo ngorane.

Mu gihe Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbaraga mu bukangurambaga bugamije gushishikariza abakoresha umuhanda bose kubahiriza amategeko y'umuhanda, buri wese uhereye ku banyamaguru akwiye kwisuzuma akamenya umusanzu atanga mu gukumira iki cyago cyugarije Isi.

Guhera mu mwaka wa 2019, Polisi y'u Rwanda yatangije gahunda ya Gerayo Amahoro, ishyira uturindamuvuduko (Speed Governors) mu modoka zitwara abagenzi mu buryo bwa rusange, ndetse hazanwa n'ikoranabuhanga rya camera mu guharanira ko abakoresha umuhanda bose bakomeza kwiyumvamo inshingano zo kwicungira umutekano wo mu muhanda.

Nubwo bigoye ko impanuka zavaho burundu, ariko zishobora kugabanywa no gukumira iziterwa n'ubenyi buke, uburangare n'izindi mpamvu zishobora gukumirwa n'uwo ari we wese.

# U Rwanda ntirwatunguwe n'uko Perezida Tshisekedi yemeye kuganira na M23

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi Wungirije wa Guverinoma y'u Rwanda Mukuralinda Alain, yatangaje ko u Rwanda rutatunguwe n'uko Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, yemeye kuganira n'umutwe wa M23 bahanganye mu ntambara y'amoko irimbanyije mu Burasirazuba.***

Yashimangiye ko icyo u Rwanda rwifuza ari uko ibyo bazaganira bizashyirwa mu bikorwa kandi imirwano mu Burasirazuba bwa RDC, igahagarara.

Ibiro bya Perezida wa Repubulika ya Angola, ku wa Kabiri tariki ya 11 Werurwe 2025, byatangaje ko nyuma y'uruzinduko ruto Perezida rwa Tshisekedi i Luanda, hemejwe ko Angola izayobora ibiganiro bizahuza abahagarariye umutwe wa M23 n'abahagarariye uruhande rwa Leta ya Congo.

Perezidansi ya Angola yemeje ko ibyo biganiro bizabera i Luanda mu minsi mike iri imbere.

Nyamara Perezida Tshisekedi yari yaratsimbaraye avuga ko atazigera aganira na rimwe n'umutwe wa M23, yita uw'iterabwoba ndetse akavuga ko abawugize atari Abanyekongo.

Mu kiganiro yahaye RBA kuri uyu wa Gatatu tariki ya 12 Werurwe 2024, Mukuralinda yavuze ko kuba Perezida Tshisekedi yemeye kuganira na M23 bitatunguranye.

Yagize ati: "Ntabwo byatunguranye, wenda abantu bakunze kumva Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo Tshisekedi n'abagize Guverinoma, bavuga ko nta biganiro bazagirana n'uyu mutwe, ngira ngo ni cyo cyatumye abantu benshi batungurwa."

Yumvikanishije ko usuzumye uko ikibazo RDC ifitanye na M23, kuva imirwano yakongera kubura Abakuru b'Ibihugu bakunze kwereka Perezida Tshisekedi ko abo bahanganye ari Abanyekongo kandi ko bakwiye kwicarana bagakemura ibibazo bafitanye.

Mukaralinda yavuze ko Tshisekedi atazongera guhakana ko M23 ari Abanyekongo, ahamya ko Perezida Tshisekedi yemeye ibiganiro byeruye na bo.

Yagize ati: "Yari yarangije no kubyemerera abakuru b'Ibihugu mu nama zitandukanye, noneho abyemeye ku mugaragaro natwe twese rubanda tubyumva; kuko niba yagiye muri Angola, igatangaza ko igiye kureba uburyo M23 izaganira na Guverinoma ya Congo ntabwo waganira n'abantu badahari."

Mukuralinda yibukije ko Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa RDC, Kayikwamba Juduth, na we ubwo yari mu kanama k'Umuryango w'Abibumbye yayemeye ko ibibazo by'Abanyafurika ari bo ubwo bakwiye kubyikemurira.

Inama iheruka guhuriza hamwe Abakuru b'Ibihugu bigize Imiryango y'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'uw'Ubukungu bw'Amajyepfo y'Afurika (SADC) yari yanzuye ko RDC igomba kuganira n'imitwe yose bafitanye ikibazo harimo na M23.

Mukaralinda yashimangiye ko ubu noneho Perezida Tshisekedi ubwo yemeye inzira y'ibiganiro bitanga icyizere, kuko n'ubundi ari yo nzira rukumbi yakemura icyo kibazo.

U Rwanda kenshi rwasabye ko ikibazo cya M23 ifitanye na Leta ya Congo, cyakemuka mu buryo bw'ibiganiro kandi Mukuralinda yahamije ko u Rwanda rwishimira ubu buryo bwo kuganira kandi rubona ko buzatanga umusaruro.

Yagize ati: "Igihe kirageze ngo hafatwe imyanzuro bitari uburyo bwa nyiraruresh wa. Hashyizweho uburyo noneho yashyirwa mu bikorwa."

Yongeyeho ati: "Niba ari byo Leta ya Congo yihitiyemo, ikanahitamo umuhuza, icy'ingenzi ni uko ibyo bazaganira bizafatwaho imyanzuro igashyirwa mu bikorwa."

Yumvikanishije ko icyo u Rwanda rushaka ari uko imyanzuro yava muri ibyo biganiro yatuma imirwano ihagarara, bityo amahoro akagaruka mu Burasirazuba bwa RDC.

RDC ishinja u Rwanda gukorana n'umutwe wa M23 wafashe ibice binyuranye birimo Umujyi wa Goma wo mu Ntara ya Kivu y'Amajyaruguru n'uwa Bukavu mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo.

Guverinoma y'u Rwanda yagiye igaragariza Leta ya RDC n'amahanga ko nta ruhare ifite muri ibyo bibazo ko ahubwo yakora igishoboka cyose uwo muturanyi wayo akagera ku mahoro arambye.

M23 igizwe n'Abanyekongo barwanye Leta ya RDC, bashinja kuba yica bene wabo abandi ikabamenesha, bakaba barahungiye hiryo hino mu bihugu by'abaturanyi birimo n'u Rwanda.

Mu mwaka wa 2021 ni bwo M23 yeguye intwaro ngo irwanirire abo baturage biganjemo abo mu bwoko bw'Abatutsi n'Abanyamurenge bavuga Ikinyarwanda.

Kugeza ubu Rwanda rucumbikiye impunzi z'abo baturage zisaga ibihumbi 100.

# 2014-2024: Hagarujwe miliyari 14 Frw muri 31 Frw z'umutungo wa Leta wanyerejwe

ZIGAMA Theoneste

***Urwego rw'Umuvunyi rwatangaje ko mu mafaranga akomoka ku mutungo wanyerejwe kuva mu 2014 kugeza mu 2024 hagomba kugaruzwa miliyari 31 na miliyoni zisaga 700 z'amafaranga y'u Rwanda, hakaba hamaze kugaruzwa miliyari zisaga 14 z'amafaranga y'u Rwanda.***


Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine

Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine, yabigarutseho, kuri uyu wa Gatanu tariki ya 14 Werurwe 2025, mu Nama nyunguranabitekerezo yateguwe n'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, hagamijwe kureba ishusho ya ruswa mu Rwanda no uburyo yakumirwa.

Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine yagaragaje ko ya Nyakanga 2023 na Kamena 2024, hagarujwe amafaranga y'u Rwanda miliyari 2 na miliyoni zisaga 856.

Yagaragaje ko mu yagombaga kugaruzwa hiyongeraho amafaranga y'amahanga angana na miliyoni 6 n'ibihumbi bisaga 503 by'amadolari y'Amerika n'Amayero ibimbi bisaga 920.

Ashimangira ko kuva mu 2014 kugeza muri Kamena 2024, amafaranga yose yagarujwe angana na miliyari 14 na Miliyoni zisaga 47, Amayero ibihumbi bisaga 3 n'amadolari ya Amerika asaga ibihumbi 14 n'ibikoresho bifite agaciro ka miliyari zisaga 100 z'amafaranga y'u Rwanda.

Nirere Madeleine yashimangiye ko aya mafaranga kugira ngo yose agaruzwe hakenewe ingufu nyinshi mu nzego zitandukanye.

Yagize ati: "Ni ukuvuga ngo biri hafi kugaruza nk'icyakabiri cy'ariya mafaranga, ni ngombwa ko hashyirwamo ingufu."

Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EALA), Hon Musangabatware Clement, yagaragaje ko kugira ngo Leta ibashe guhangana n'abanyereza umutungo, hashyirwaho itegeko ry'uko umukozi wese umutungo afite awumenyakanisha, hadategerejwe igihe abaye Umuyobozi Mukuru.

Yagize ati: "Umukozi wa Leta ugiye mu kazi yajya amenyekanisha umutungo mu ishami rishinzwe abakozi, kugira ngo nibura mu myaka runaka bazarebe uko umutungo we uhagaze."

Umushinjacyaha wa Repubulika Habyarimana Angelique, agaragaza ko hakiri imbogamizi mu kugaruza umutungo w'Igihugu wanyerejwe.

Yavuze ko umutungo wanyerejwe wandikwa ku bandi bantu barimo abavandimwe b'uwakoze icyaha, cyangwa se ukajyanwa hanze y'Igihugu aho abagenzacyaha badashobora kugera.

Uwo muyobozi yavuze ko u Rwanda rurimo gukorana n'inzego z'ubushinjacyaha n'iz'ubugenzacyaha mu gukurikirana abakekwaho ibyo byaha.

Yavuze ko kandi inzego z'ubutabera z'u Rwanda zikomeje gukorana n'izo hanze y'Igihugu ngo abakekwaho ibyaha bakurikiranwe.

Yagize ati: "Hari ubufatanye tugomba kuganira n'inzego zo mu Karere n'iziri mpuzamahanga mu gufasha kubona amakuru atangwa mu buryo bwa nyabwo, atuma tumenya icyo gukurikirana n'icyo gukora."

Ubushinjacyaha bw'u Rwanda butangaza ko ubu umuntu wese ugaragawe imyitwarire iganisha kuri ruswa by'umwihariko umukozi wa Leta, ahita yirukanwa.


Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'u Rwanda rugenzura Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA), Thapelo Tsheole

## U Rwanda ruri kubaka Isoko ry'Imari n'Imigabane rifasha buri wese

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda ruri kubaka no guteza imbere isoko ry'imarin'imigabane rifasha buri wese uhereye ku bashoramari ku giti cyabo, ku bakora ibikorwa bibyara inyungu ndetse no ku gihugu muri rusange.***

Ibi byagarutsweho n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'u Rwanda rugenzura Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA), Thapelo Tsheole mu kiganiro cyaciye kuri Royal FM.

Kugeza ubu urwego rw'u Rwanda rugenzura isoko ry'imari n'imigabane ruri gushyira mu bikorwa impinduka z'ingenzi kugira ngo u Rwanda rukomeze kuba igicumbi cy'ishoramari.

Thapelo Tsheole yavuze ko u Rwanda ruri gukomeza guteza imbere isoko ry'imari binyuze mu kunoza amategeko arigenga, kwagura gahunda zo kwigisha abantu b'ingeri zose akamaro ko kuzigama no gushora imari ku isoko ry'imari n'imigabane by'igihe kirekire, no gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa bya buri munsi kuri iri soko.

Leta y'u Rwanda kandi yashyizeho uburyo bwo kurushaho gukangurira ibigo bishya kugana iri isoko ngo bibone imari yo kwagura ibikorwa bibyara inyungu bakora.

Ati: "Abashoramari bavuye mu mpande zitandukanye z'Isi bakwiye gutekereza ku Rwanda kubera imiyoborere myiza, politiki zishyigikira ubucuruzi, ndetse n'aho ruherereye nk'irembo ry'isoko ryagutse ry'Afurika."

Yongeraho ko ubukungu bw'u Rwanda bugenda buzamuka ndetse n'ishoramari rikorwa mu bikorwa remezo rihoraho bikana bitanga amahirwe afatika yo kuzamura ishoramari mu gihe kirekire.

Yongeyeho ati: "Turi gushyira mu bikorwa amavugurura mu mategeko agamije kongera ibigo bishya bigana iri isoko, no koroshya iyinjizwa ry'imari mu gihugu rivuye hirya no hino ku Isi. Ikindi amategeko n'imisoro bigenda bivugururwa kugira ngo ibigo by'imari mpuzamahanga bikomeze gufungura imiryango mu Rwanda."

Yakomeje avuga ko hari kandi inyungu nshya zishingiye ku misoro kugira ngo ishoramari ry'igihe kirekire rirusheho kuba ryiza, harimo igipimo cy'imisoro cya 20% ku bigo bigurisha nibura 40% by'imigabane yabyo ku isoko rusange, ndetse na 25% ku bigo bigurisha nibura 30% by'imigabane byabyo ku isoko rusange.

Isoko ry'imari mu Rwanda riri kwaguka hagamijwe kongera imari irinyuraho ndetse no gukangurira abashoramari kugira uruhare mu isoko.

Kubera imiyoborere myiza, politiki zorohereza ubucur no kwiyemeza guteza imbere urwego rw'imari, u Rwanda rukomeje kuba igicumbi cy'ishoramari haba mu Karere no ku rwego mpuzamahanga.





# Kigali: Uko batanze ruswa bizeye gufungurirwa abagabo

KAYITARE Jean Paul

***Idukurize Naomi wo mu Murenge wa Gitega mu Karere ka Nyarugenge na Uwamahoro Francine wo mu Murenge wa Kinyinya mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, bahamya ko batanze ruswa kugira ngo abagabo babo bafungurwe.***

Ruswa bavuga ko batanze ntifitanye isano n'abakozi b'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) cyangwa izindi nzego z'ubutabera.

Bagaragaza ko batuburiwe n'abiyita abagenzacyaha babizeza kubafungurira abagabo babo, birangira bariwe amafaranga.

Ni ibintu byabagizeho ingaruka kuko abagabo babo bafunguwe, byateje umwuka mubi, umwe asabwa kuva mu rugo undi yukwa inabi ariko bose bajyana ikirego kuri RIB bagaragaza uko batuburiwe.

Idukurize Naomi ufitanye abana babiri n'uwo bashakanye, yabwiye Imvaho Nshya ko umugabo we mu kwezi kwa Gashyantare uyu mwaka, yafungiwe kuri sitasiyo ya RIB ya Nyarugenge akurikiranyweho icyaha cyo gukubita no gukomeretsa.

Mu buhamya bwe, avuga ko umugabo yagiye gusura umugabo we, akaza guhamagarwa n'uwitwa Uwase Scolastique amubwira ko yamufasha umugabo we akarekurwa mu gitondo.

Ati: "Yamampagaye ari ku isabato nimugoroba, ku itariki 15 Gashyantare bazamurekura kuri 16.

Ku Cyumweru mu gitondo njyayo, nabanje kugira amakenga ko yaba ari umutubuzi, mufata n'amajwi nkamubaza nti ese niba umuntu yararekuwe n'urukiko, ni gute wowe umbwira ko ugomba kumurekura kubera fanta natanze?


Idukurize Naomi, yahaye abatubuzi 250 000 Frw ngo afungurirwe umugabo yizeye ko ayahaye umugenzacyaha

We anyumvisha ko urukiko rutamurekuye ahubwo yaregewe urukiko ariko ko hari uburyo babivanamo bakamuha igipapuro ku buryo bwemewe n'amategeko, muha 250 000 Frw.

Nabitanze mu buryo bubiri, 200 000 Frw nayohereje k'uwitwa Uwase Scolastique, 50 000 Frw ajya k'uwitwa Tuyishime Jean D'Amour."

Avuga ko abagore bakunda abagabo kandi ko nta cyo batakora ngo umugabo afungurwe, agasaba abagore bagenzi be kubikorane ubushishozi, bakareka ubutabera bugakora akazi kabwo.

Ati: "Niba ahamwa n'icyaha agomba gukosorwa niba kandi kitamuhama akarekurwa binyuze mu nzira za nyazo."

Yamaze kuyohereza nimero yamuhamagaraga ntiyongeye kumwitaba, ajya kuri RIB abaza niba hari umukozi uhari witwa Scolastique baramuhakanira.

Ati: "Mu gutaha ngeze mu rugo nibwo nagiye mpita mpasanga umugabo wanjye.

Ahita ambwira ati vuba vuba subirayo, mbwira ahantu amafaranga uyatanze, njyewe narekuwe n'urukiko nta mpamvu zo kugira ngo utange andi mafaranga, ubushinjacyaha nibwo bwandekuye by'agateganyo."

Bagiye kuri RIB batanga ikirego, mu gitondo cy'ejo ku wa Mbere tariki 10 Gashyantare nibwo bahamagawe na RIB babwirwa ko abamutekeye umutwe bafashwe.

Ubwo umugabo we yari akurikiranyweho icyaha yaregwaga, ni nako uyu mubyeyi yari arwaje umwana mu bitaro, ari nabyo byatumye atanga amafaranga byihuse kuko yashakaga ko ataha.

Uwamahoro Francine na we waganiriye n'Imvaho Nshya, avuga ko umugabo we yafungiwe i Kinyinya nyuma yo gufatwa na polisi ishami rishinzwe umutekano wo mu muhanda, atwaye yasinze.

Mu buhamya bwe, avuga ko yagiye kumusura ari ku wa Gatandatu ndetse barabonana, atashye ageze mu rugo ahamagarwa n'umuntu atazi.

Yaramubwiye ati: "Si wowe Uwimana Francine umugore w'Uwimana Emmanuel? ndavuga nti yego, si wowe uvuye hano se ufite amata, amazi ya Jibu, kamambili, uburoso na Cologate? ndamubwira nti yego."

Bavugana kuri telefoni yamubwiye ko moto yabo nta deni ifite none ngo kugira ngo perimi itajya mu rukiko, nuko yatanga akantu kugira ngo igihe umugabo azafungurirwa, moto izabe irimo gukora.

Icyo gihe yasabwe gutanga 100 000 Frw ngo ahabwe igipapuro gisohora moto ku Muhima.

Uwamahoro yavuze ko ayo mafaranga atayabona ariko yemera kwandika uko azagenda ayatanga kugeza amazemo ayo bumvikanye.

Yaramubwiye ati: "Ayo mfite ntabwo nayatanga ngo abana banjye baburare, njye ndabona 50 000 Frw ayandi 100 000 Frw ndandika igihe nzajya nyatangira mu gihe moto irimo gukora."

Yamusabye kugaruka i Kinyinya undi ajyana na muramu we, uwamuhamagaye amusaba ko yatanga 50 000 Frs andi asigaye akayatanga ari uko moto isohotse.

Ati: "Amafaranga narayatanze arakomeza arambwira ngo ihuzanzira (connection) zanze bigeze Saa mbili n'igice ndataha, mu gitondo aramampagara arambwira ati tugiye kubikurikirana, uragaruka uze utware igipapuro ku Muhima, birangira bityo."

Umugabo we afunguwe ntiyorohewe kuko yamubwiye nabi kugeza ubwo amubwiye ko atamushaka aho mu rugo kubera amafaranga yatanze ngo bagomboze moto.

Ati: "Igihe cyo gufungurwa cy'umugabo kigeze, ageze ku marembo arambwira ngo nyoherereza itike ntahe, ndamubwira nti ese uraza nta moto uzanye? arambaza ngo byagenze bite?

Ndamubwira nti natanze amafaranga ahita ambwira ati sinkusange aho, nsange wagiye kuri RIB, nibwo nagiye kuri RIB ntanga ikirego, barambwira ngo bazababafata, nibwo rero bamampagaye ku rwego rukuru bambwira ko bababafashe."

Uyu mubyeyi asobanura ko icyatumye abizera, ari uko bamubwiye amazina ye n'ay'umugabo we, bamubwira ibintu byose yazanye n'uburyo yari ahetse umwana n'umumotari, yumva ko atari abatubuzi.

Ati: "Amafaranga ndayabaha bakomeza bambwira ngo umwana muzembagize turi kugufasha numva bya bintu ni byo, amafaranga ndayabaha."

Icyakoze avuga ko umugabo we yahamagaye abandi bantu agasanga atari we wenyine byabayeho ahita amubwira kujya gutanga ikirego.

Idukurize agira inama abagore bagenzi be kudaha agaciro ababahamagara babasaba amafaranga kuko ngo ari ubutubuzi.

Umuvugizi wa RIB, Dr Thierry B. Murangira, yavuze ko abiyita abagenzacyaha ari bo basiga isura mbi inzego z'ubutabera bityo bigatuma hari raporo zisohoka zigaragaza ko izo nzego zifata ruswa.

# 2023-2024: Serivisi zirenga miliyoni 5 zasabwe n'abaturage ubwabo ku Irembo

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ikoranabuhanga no guhanga udushya (MINICT) yatangaje ko hagati y'umwaka wa 2023 na 2024, abaturage ubwabo bisabiye serivisi zirenga miliyoni 5 banyuze ku rubuga rw'Irembo.***

Kugeza ubu habarurwa, abarenga ibihumbi 400 bamaze gufungura konti bwite ku Irembo.

Minisitiri w'Ikiranabuhanga no guhanga udushya, Ingabire Paula yabikomojeho kuri uyu wa Kane tariki ya 13 Werurwe 2025, mu biganiro Minisiteri ayoboye yagiranye n'Abadepite bagize Komisiyo y'Imiyoborere, Uburinganire bw'Abagabo n'Abagore.

Ni ibiganiro byagarutse ku bibazo byagaragaye muri Raporo y'Urwego rw'Imiyoborere (RGB) y'Umwaka wa 2023-2024.

Minisitiri Ingabire yavuze ko umubare w'abaturage bisabira serivisi binyuze mu ikoranabuhanga banyuze ku rubuga rw'Irembo, ugenda wiyongera.

Yagize ati: "Hagati ya 2023 na 2024, twabonye ko serivisi zirenga miliyoni 5, zasabwe n'abaturage ku giti cyabo, bidasabye kujya kureba undi muntu ubibakorera."

Yashimangiye ko uwo umubare w'abaturage wiyongereye hashingiwe kuri gahunda za Leta zashyizweho zo kubakangurira kumenya kwikoreshereza ikoranabuhanga.



Ikoranabuhanga rikomeje korohereza abaturage kubona serivisi za Leta zihuse kandi zinoze

Imibare yatanzwe na MINICT yagaragaje ko ubu bukangurambaga bugamije gutanga ubumenyi, kugira ngo buri muturage agire ubushobozi bwo gusaba serivisi zitangirwa kuri interineti abyikoreye.

Minisitiri Ingabire yavuze ko abantu miliyoni 1.5 bahuguwe imbona nkubone, aho mu 2023-2024, abarenga miliyoni 9 bahuguwe hifashishijwe imbuga nkoranyambaga.

Icyakora avuga ko kuba hari umubare munini w'Abanyarwanda batazi gusoma no kwandika ari imbogamizi ikomeye ituma hari abaturage badahita basobanukirwa no kumenya kwisabira sirivisi mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Irembo, Bimpe Israel yavuze ko abo baturage bisabira serivisi ku rubuga rw'Irembo bari mu byiciro bitandukanye.

Yagize ati: "Abaturage 91% bazisaba bakoresheje abajenti, 6 % by'abaturage bazisaba bagiye hombi (abazisabira ubundi bagafashwa n'abajenti), 2,6% bashobora kuba bazisabira bonyine".

Bimpe yavuze ko hari gahunda zo kunoza ikoranabuhanga mu Irembo, haguwe uburyo bwo kubona serivisi kuri uru rubuga aho ubu serivisi zisaga 240 zishyurwa zikanasabirwa kuri urwo rubuga.

Ni mu gihe serivisi zisabirwa kuri urwo rubuga gusa zisaga 600.

Yavuze ko harimo gushyirwa imbaraga mu guhindura amategeko agenga gusaba serivisi ku Irembo, aho hazagabanywa uburyo bwo gusaba impapuro usaba serivisi.

Yagize ati: "Hari ubwo umuturage asaba servisi, agahera ku Irembo, asaba icyangombwa runaka, akagaruka ku Irembo kugira ngo yongere ayishyireho nk'umugereka."

Yongeyeho ati: "Turavuga ngo ni gute inzego zakongera uburyo bwo gukorana. Muri gahunda yiswe Ziro Trip Zero Paper, akenshi bisaba guhindura uko serivisi zitangwa, amategeko no gukorana n'ibigo by'ikoranabuhanga kugira ngo twongere ubushobozi bw'ikigo bw'ikoranabuha kugira byorohe."

Bimpe yavuze ko iyo gahunda nimara gukunda hazashyirwaho uburyo bufasha umuturage, aho azashyiraho icyangombwa rimwe gusa, nagaruka ntibyongere gusaba ko ashyiramo ikindi cyangombwa.

Imibare ya MINICT igaragaza ko kugeza ubu abaturage bafite imyaka 10 kuzamura bafite ubumenyi mu ikoranabuhanga bagera kuri 68, 5%.

Ni mu gihe Abanyarwanda bakoresha ikoranabuhanga bangana na 22%.

MINICT ivuga ko kugeza ubu hari Intore mu ikoranabuhanga ari rwo rubyiruko mu ikoranabuhanga, zigera kuri 200 ziri hirya no hino mu gihugu zigisha abaturage kurikoresha.

Ni mu guhe hamaze gutangizwa gahunda y'imyaka itanu y'izaranzira mu 2029, igamije gufasha urubyiruko kwigisha abaturage ibijyanye n'ikoranabuhanga rihambaye rugera kuri miliyoni, bikazarufasha kwihangira imirimo no kubona akazi ku rwego mpuzamahanga.

# Kigali: Abasenateri basabiye abana gukurirwaho igihano cy'igifungo

ZIGAMA Theoneste

***Abasenateri basabye ko Minisiteri y'Ubutabera yareba uko abana bakoze ibyaha bajya bahabwa ibindi bihano aho guhabwa ibyo gufungwa.***

Bahamije ko gufunga abana bibabuza uburenganzira bwabo bwo kuba mu miryango ndetse ko hatekerezwa ubundi buryo bwo kubafasha kwigorora ubwabo aho gufungwa.

Babigarutseho ku wa Kane tariki 13 Werurwe 2025, ubwo Inteko Rusange ya Sena yafataga umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu, ku isuzumwa rya raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu by'umwaka wa 2023-2024 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025.

Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu muri Sena, Hon. Umuhire Adrie, yagaragaje ibibazo biri muri Raporo ya NHRC, byugarije abana bari mu magororero no muri za kasho bategereje guhabwa ubutabera.

Yagize ati: "Hari ukudategurana urubanza n'umwana kuri bamwe mu baba bamwunganira. Gusubika imanza kenshi kubera abanyamategeko batabiriye iburanisha."

Yakomeje agaragaza ko basanze hari n'aho abana baburanishwa nk'abantu bakuru bitewe n'uko imanza zabo zatinze kuburanishwa, bigakorwa abana bamaze gukura.

Hon Umuhire yanagaragaje ko hari abana baburanishwa hifashishijwe ikoranabuhanga kandi bo bataramenya kurikoresha.

KOMEZA KU RUP.11





# Kigali: Abasenateri basabiye abana gukurirwaho igihano cy'igifungo

IBIKURIKIRA URUP.10

Ati: "Bagombye kuburanishwa bazi icyo bagiye gukora. Usanga bakoresha ikoranabuhanga mu iburanisha kandi abana ntibarimenyereye, ugasanga bameze nk'abarimo kwirebera filime kandi barimo kuburana."

Yasabye ko abo bana bajya basobanurirwa ibyo bagiyemo ntibabifate nk'ibintu byoroheje.

Hon Umuhire yavuze ko by'umwihariko muri kasho z'ubugenzacyaha usanga hari aho basanze hari abavoka bunganira abana babahatira kwemera icyaha bizezwa kugabanyirizwa ibihano, ugasanga babyemeye rimwe na rimwe batarabikoze.


Abasenateri basabye ko igifungo ku bana cyakurwaho

Abasenateri bahereye kuri ibyo bibazo bigaragara mu gutanga ubutabera bw'abana, basaba ko imanza zabo zahabwa umwihariko cyangwa igihano bahabwa kigakurwaho.

Hon. Uwera Pelagie yasabye ko hatekerezwa ku bindi bihano bitari ibyo gufunga umwana kuko bimubuza uburenganzira bwo kuba mu muryango, guta ishuri n'ibindi bishobora kumubangamira mu bitekerezo.

Yagize ati: "Hakwiye kuba umwihariko kugira ngo bijye bibanza byigweho, uburyo bwo guhana umwana. Icyaha nyine kirahanwa ariko dukwiye no gutekereza uko abana bashobora guhabwa undi murongo wo kwigorora, bitabaye ngombwa ko bajyanwa muri kasho."

### Hifuzwa abunganira abana bihariye nk'uko hahaho abaganga bihariye b'abana

Kubera ko usanga hari abavoka badaha agaciro kuburanira abana Abasenateri bagaragaje ko hakwiye amasomo yihariye ku buryo uzajya abunganira azaba yarabyize by'umwihariko.

Hon Mukakarangwa yagize ati: "No mu mavuriro atandukanye habamo abantu bashinzwe kuvura abana bakaba barabyigiye. Ese ntihashobora kubaho abacamanza bashobora kuburana imanza z'abana ku buryo bwihariye?"

Yavuze ko akurikije uko bigaragara muri Raporo, yabonye ababunganira batabitaho, bagasiba imanza uko bashatse, ndetse bakaba batanasura abo bana bunganirana mu magororero.

Ati: "None se waburanira umuntu utaganiriye na we ngo akubwire icyo bamufatiye?"

Muri iyo Raporo yakozwe mu mwaka wa 2023-2024, Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu yagenzuye imibare y'abafungiwe muri kasho, igamije kumenya ko umubare w'abazifungiwemo utarengeje ubushobozi bw'abo zaganewe kwakira.

Komisiyo yasanze muri kasho 72 zagenzuwe, harimo abantu bafunzwe 4 852, barimo abagabo 4 196, abagore 429, abana b'abahungu 211 n'ab'abakobwa 16.

# ABH yitezweho kwihutisha iterambere hahangwa udushya

NYIRANEZA Judith

Inama ya 6 ya ba rwiyemezamirimo bahiga abandi bo hirya no hino muri Afurika iteraniye mu Rwanda guhera ku wa Gatanu tariki ya 14 Werurwe 2025 izwi nka African's Bisiness Heroes (ABG) izasoza ku ya 15 Werurwe, yitezweho kwihutisha iterambere binyuze mu guhanga udushya.

Amarushanwa Nyafurika ahuza ba rwiyemezamirimo bo mu bihugu bya Afurika, aba buri mwaka hagamijwe kongerera ubushobozi ba rwiyemezamirimo baba bahize abandi, ari mu rwego rw'ubushobozi aho abahize abandi bahabwa amafaranga yo gushyira mu bikorwa no kunoza imishinga yabo kimwe n'amahugurwa.

Iyi nama ngarukamwaka uyu mwaka ifite insanganyamatsiko igira iti "Gukemura ibibazo bikomeye bya Afurika binyuze mu kwihangira imirimo."

Umuyobozi ushinzwe ishoramari mu Rwego rw'Igihugu rw'Iterambere RDB, Umurungi Michelle yasabye urubyiruko kwigaragaza, bagashaka ibisubizo bihindura ubuzima hakemurwa ibibazo byugarije Afurika.

Yagize ati: "Mugomba kuzana impinduka mu muryango mugari mukemura ibibazo byihutirwa bihagaragara,mwubaka ubukungu burambye ari kuri mwe ndetse no ku gihugu muri rusange."

Jason Pau, Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Jack Ma Foundation, ari nawo wateguye iyi nama yasobanuye ko ari ngombwa ko abakiri bato bagira umwete wo guhanga udushya hagamijwe gukemura ibibazo ndetse hakaba bakitabazwa ubwenge buhangano (AI) kuko bugira uruhare mu kuzana impinduka kandi mu buryo bwihuse.


Inama ya 6 yahuje ba rwiyemezamirimo bahiga abandi muri Afurika

Yagize ati: "Amahirwe ya Afurika ntabwo ari uguteza imbere AI, ahubwo ni mu kuyashyira mu bikorwa no kuyacuruza kuko iyi nama ari amahirwe adasanzwe yo kubona ba rwiyemezamirimo muri Afurika bafite impano, udushya n ibitekerezo by'imishinga y'ubucuruzi bahatanira inkunga ibahindurira ubuzima bwabo, ubw'igihugu n'Umugabane w'Afurika."

Umwe muri ba rwiyemezamirimo Cedrick Mupenzi, akaba umuyobozi mukuru wa Sinc, yavuze ko inama nk'iyi ituma bunguka ubumenyi bubafasha kumoza ubucuruzi bakora.

Yagize ati: "Iyi nama ni ingirakamaro, kuko ni umwanya mwiza wo kungurana ubumenyi,guhanga udushya dutuma duhanga imirimo tukanatanga akazi."

Yakomeje avuga ko ndetse ubwenge buhangano abubonamo akamaro ko kwihutisha ibikorwa agashyigikira ko ubwenge buhangano bwakorehwa ariko ntibube ari bwo bukoresha, abantu, ahubwo ari bo babukoresha.

Madamu Ibukun Awosika, washinze "Chair Centre Group" akaba nari n'umwe mu bagira uruhare mu gutoranya imishinga ihiga indi mu mamarushanwa mu bucuruzi muri Afurika yashimangiye iyo mishanga iba ishaka ibisubizo by'ibibazo biriho, kandi biba bijyanye n'ibihe.

Ati: "Urubyiruko muzagira uruhare rugaragara mu gushakira ibisubizo ibibazo biriho, rwubaka ubukungu burambye bushingiye ku bumenyi.

Umuryango ABH watangiye ibikorwa byo gutera umwete ba rwiyemezamirimono kubaha inkunga guhera mu 2019, aho batoranya ba rwiyemezamirimo ba mbere 100, bahabwa amafaranga, aba agamije kunoza umushinga ngo uzabagirire akamaro ubwabo n'abandi muri rusange.

Umuryango Jack Ma Foundation watangiye mu 2019 hagamijwe gufasha abacuruzi guteza imbere imishinga y'ubucuruzi hatangwa ibihembo by'ubucuruzi, amahugurwa y'ubucuruzi, ubujyanama kuri ba rwiyemezamirimo hahize abandi muri Afurika.

# Nyagatare: Abagore biyubakiye inzu eshatu babikesha ubuhinzi bw'imboga

HITIMANA Servand

***Abagore bibumbiye muri koperative CODIGA yo mu Murenge wa Mukama, mu Karere ka Nyagatare bishimira ibikorwa bamaze kugeraho birimo kuba bariyubakiye inzu eshatu babikuye mu musaruro w'ubuhnzi bw'ibitunguru bakora.***

Baganira na Imvaho Nshya abo bagore bavuga ko batangiye ari nta bushobozi bafite aho bakoreraga ubuhinzi ku butaka buto bw'abanyamuryango bishyize hamwe.

Abo bahinzi bavuga ko bakoze ubuhinzi bw'ibitunguru burabungura ndetse bagura ubutaka bwa hegitari 1,5 kuri miliyoni 12 aho bakorera ubuhinzi bwabo.

Ubuhinzi bakomeje kubukora ndetse bagenda batekereza uburyo bakora n'indi mishinga ari bwo batangiye kugura inzu ubu bakaba bazikodesha nazo zikabinjiriza.



**Ubuhinzi bw'imboga zirimo imiteja, ibitunguru bwabafashije kwiteza imbere**

Mu gihe cy'imyaka 7 bakora ubuhinzi bw'ibitunguru kandi bamaze kuguramo inzu 3 zifite agaciro ka miliyoni 13. Uretse n'ubuhinzi bw'ibitunguru, banahinga imiteja.

Mutuyemariya perpetue agira ati: "Ubuhinzi bw'ibitunguru bwadufashije kwiteza imbere. Ubu turi abanyamuryango bamaze kugira aho bagera, aho dukora ubuhinzi mu buryo bugezweho ndetse bukanaduha umusaruro ushimishije. Ni igikorwa cyatumye tubona ibikenerwa n'imiryango yacu, yaba mu gukora iby'ibanze dukeneye nko kwiyishyurira ubwisungane mu kwivuza, kwizigamira, kwishyurira abana amashuri n'ibindi."

Kubwimana Ancille na we yavuze ko ibikorwa bagezeho bigaragaza ko bamaze gukura mu buryo bwo kwiteza imbere.

Ati: "Muri iyi koperative twatangiye duseta ibirenge aho hari nabananiwe baragenda. Gusa kuri twe twayigumyemo ubu tumaze kubona ibyiza byayo,aho ubu tumaze kugura amazu atatu mu gudugudu, ibyo bigaragaza ko amafaranga twayabonye ndetse dusanga bikwiye ko twagura imishinga. Ubu umugabo sinkimusaba buri kimwe. Hari ibyo aza agasanga nabikoze nkaba ngize uruhare mu gukemura ibibazo."

Ibyiza biva mu buhinzi bw'aba banyamuryango ba CODIGA, ntibibonwa na ba nyirabyo gusa.

Mukandori Jovia utuye ahakorera iyo koperative, avuga ko abo bagore batanze isoko ryo gutinyuka no kwiyemeza kw'abagore bikaba byaratumye abaturanyi babona aho bahahira ariko kandi n'aho bigira.

Ati: "Ibikorwa by'aba bagore navuga ko natwe twabyungukiyeho mu buryo bubiri. Icya mbere ni uko twiga uko abantu bashobora gukora ubuhinzi kandi bugatanga umusaruro, icya kabiri ni uko twabonye aho guhahira mu buryo bworoshye."

Ibi bikorwa by'abagore bishyira hamwe bagamije gushaka ibibateza imbere bishimwa n'ubuyobozi aho Karangwa Scovia ukuriye inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Nyagatare yagize ati: "Abagore baharanira kugira ibyo bakora ni abo gushimirwa.Tuzakomeza kubaba hafi no kubakurikirana ku buryo nta gisitaza bagira cyabangamira imikorere yabo.

Dushishikariza n'abandi baba bagipfumbase amaboko bumva ko bidashoboka, gufatira urugero ku bagore nk'aba hanyuma tukabona imibare yisumbuyeho y'abagore bagira imirimo ibateza imbere ikanateza imbere Igihugu."

Koperative CODEGA yatangiye ari abanyamuryango 33 ubu ni 80. Mu Karere ka Nyagatare habarurwa amakoperative y'abagore agera kuri 80 n'amatsinda yo kwizigamira agera ku 116.

# Burera: Bagowe n'abacuruzi b'ifumbire bibisha ibyangombwa by'ubutaka babaka

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Kagari ka Nyagahinga, Umurenge wa Cyanika w'Akarere ka Burera, babangamiwe n'abacuruzi b'ifumbire bazwi nk'abagorodira (Agro-Dealers) babasaba ibyangobwa by'ubutaka ku bwinshi ariko bagahabwa ifumbire nkeya.***

Bavuga ko ibyo byangombwa byabo bihobora kuba bikoreshwa mu kwiba ifumbire mu nyungu z'abayicuruza kuko hari ubwo umuntu ashobora gutanga ibyangombwa bye bigera nko ku icumi akabona ifumbire ihwanye n'ubuso bw'ibyangombwa bigera kuri 7.

Bavuga kandi ko iyi fumbire iba igamijwe kurigiswa kugira ngo ibe yakwambuka n'imipaka, bagasaba ubuyobozi kubasobanurira uburyo bikorwamo kuko kugeza ubu batabisobanukirwa.

Umwe mu baturage wahawe izina rya Kalimunda Charles ku bw'umutekano we, yagize ati: "Kugeza ubu twebwe hari ibintu byatuyobeye, ujyana ibyangobwa byawe by'ubutaka nka 10 ku mugorodila yajya kuguha ifumbire akaguha ingana n'ibyangobwa 7."

Yakomeje avuga ko iyo ifumbire ishize bayibagurisha ku giciro cyinshi; ati: "Kuko nk'ubu umufuka kuri nkunganire ni ibihumbi 37, ariko iyo wowe ugiyeyo ufite kasha zawe ibihumbi 47, urayitwara, icyo gihe rero uba utwaye iya wawundi icyangombwa cye cyagiye mu manyanga, twifuza ko ibi bintu byakosoka."

Undi wahawe izina rya Mukandengo yagize ati: "Kuri ubu ibyangombwa by'ubutaka ku muturage byabaye ubushabitsi ku bagolodira, kuko ibyangobwa dutanga ifumbire irabarurwaho, igahabwa abandi. Hano udafite amafaranga ntabwo wateza ifumbire imyaka yawe muri Cyanika, ikibazo ni uko batubwira ko harimo nkunganire ariko igakomeza ikazamuka aho umufuka kugera no ku bihumbi 50".

Umuyobozi w'Akarere ka Burera Mukamana Solina, avuga ko iki kibazo butari bukizi ariko ko bigiye gukurikiranwa ikindi ngo ni uko gutanga ifumbire bigira icyo bishingiraho nk'uko abivuga.

Yagize ati: "Ntabwo agro-dealer ari we ugena ahubwo ifumbire itangwa binyuze muri sisiteme ni yo ibara, igendeye ku buso umuhinzi aba yaragaragaje azahinga, ikindi ni uko ahatuwe n'ahatewe amashyamba ntabwo hatangirwa ifumbire. Ubwo rero umuturage agomba kuba azi ko umurima afitiye icyangombwa cyose akwiye kuhahererwa ifumbire, ibindi bibazo abaturage baba bafite na byo tugiye kuzabegera babidusobanurire."

Ifumbire ihabwa umuhinzi akishyura amafaranga 800 ku kilo harimo na nkunganire.




**Burera bavuga ko ifumbire itagera hose**





# Rutsiro: Ufite ubumuga arasaba aho kurambika umusaya n'abana be

KWIZERA Jean de Dieu

***Bakomeza Thomas ufite ubumuga bw'amaboko n'amaguru, asaba ubufasha bw'aho kurambika umusaya we n'abana be babiri kuko nta bushobozi bwo kwiyubakira afite kubera ubumuga yagize mu 2018.***

Uwo mugabo ahamya ko abangamiwe cyane kuko inzu abamo ari iy'icyumba kimwe gusa kitagira icya kabiri, bikaba bimusaba kurarana n'abana be ku buriri bumwe.

Yagize ati: "Mfite ikibazo kinkomereye cyane, nta nzu mfite, ntaho gushyira abana banjye bakwita iwabo, kubera ubu bumuga ntabwo mfite icyizere cy'uko nakwiyubakira ngo mbishobore. Si nkora no kurya mfashwa n'abagira neza, babona uko mbayeho nkabona umwe anzaniye ibakure y'ibishyimbo, undi anzaniye umunyu ubwo byabura tukaryama n'aba bana."

Yakomeje agira ati:"Ndamutse mbonye abangirira neza bamfasha kubona inzu n'urubyaro rwanjye byanyorohereza ubuzima nkanizera ko abana banjye bafite aho bita iwabo."

Kuri we ngo ubuzima bwo kuba mu cyumba kimwe ni ingorane ziyongera ku zindi.

Ati: "Ni ahantu ntabasha kubona ubwinyagamburiro kubera ukuntu ari hato cyane. Ikindi kintu kidutera ubwoba ni ugucana mu nzu tukanayiryamamo. Ndasaba ko twafashwa kubona aho kuba twita iwacu."

Abaturage baturanye na Bakomeza Thomas, babwiye Imvaho Nshya ko uyu muryango ubayeho nabi cyane bagaragaza ko ari bo babatunze icyakora ko kubabonera aho gutura ari izindi mbaraga.

Umwe yagize ati: "Nturanye na we gutya, iyo mbonye icyo kurya ngira gutya nkamushyira n'abana be ariko iyo nta cyo mfite ubwo ategereza undi mugiraneza. Uko tubibona ntabwo yabasha kwiyubakira kuko nta maguru afite ndetse nta n'amaboko afite, twagaragaje ikibazo cye ariko ntibyagira icyo bitanga."

Undi yagize ati: "Uyu mubyeyi turi kumusabira ubufasha kuko akeneye kubakirwa akava muri aka kazu. Ni gato kandi na ko akishyura ikode, aramutse afashijwe byatuma akomeza kugira icyizere cy'ejo hazaza ariko adasohorwa mu nzu cyangwa ngo abyiganire mu cyumba kimwe n'abana be."

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Umuganwa Marie Chantal, yavuze ko uwo muryango uzasurwa hanyuma ugashakirwa uko wazubakirwa mu mwaka utaha.

Yagize ati: "Kuri uyu muryango, reka mvugane n'Ubuyobozi bw'Umurenge babagereho bamenye ikibazo neza tuzabubakire umwaka utaha."

Bakomeza Thomas ufite ubumuga bw'amaboko n'amaguru atuye mu Murenge wa Mushubati.



**Bakomeza Thomas ufite ubumuga bw'amaboko n'amaguru, asaba ubufasha bwo kubakirwa**



**Ubuyobozi bw'Intara y'Iburasirazuba bwifatanyije na TI mu gufungura icyumba ntangazamakuru**

# Kayonza: Hafunguwe icyumba ntangamakuru ku bidukikije

HITIMANA Servand

***Akarere ka Kayonza n'Umuryango Mpuzamahanga Urwanya Ruswa n'Akarengane Ishami ry'u Rwanda (TI Rwanda), mu Murenge wa Mukarange hafunguwe ahazajya hatangirwa amakuru ku kubungabunga no kwita ku bidukikije.***

Muri icyo cyumba, abaturage bazahabona amakuru ajyanye n'uburenganzira bwabo, ubujyanama n'inshingano mu kubungabunga ibidukikije no kumenya gahunda za Leta.

Iki gikorwa kigamije guha umuturage uburyo bwo kumenya amakuru ku bimukorerwa ndetse no gusobanukirwa amategeko n'ibijyanye n'uburenganzira bwe.

Iki cyumba cyafunguwe ku ya 11 Werurwe 2025, cyiswe ahatangirwa ubufasha n'amahugurwa na politiki by'igihugu.

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Umuryango mpuzamahanga urwanya Ruswa n'Akarengane Ishami ry'u Rwanda (Transperancy international Rwanda) Mupiganyi Appolinaire, yemeza ko iki kigo kije gufasha inzego zikora mu bijyanye n'ibidukikije kuzamura imyumvire y'abaturage mu kubungabunga ibidukikije banirengera.

Ati: "Iki kigo cyatangirijwe kugira ngo abaturage babashe kubona amakuru ku buryo bworoshye. Hashyizwemo amakuru menshi ndetse hari n'ayashyizwe mu buryo bw'ikoranabuhanga. Hano hari amakuru yihariye ajyanye na gahunda y'Igihugu yo kurengera ibidukikije, hari ubwo usanga amakuru nk'aya abaturage batayazi byigumira gusa mu maboko y'ababishyira mu bikorwa."

Akomeza agira ati: "Hari imwe mu mishinga iba ikorwa kandi ishobora kugira ingaruka ku bidukikije bikabangamira abaturage.Urugero niba hakorwa umuhanda hagacukurwa ibinogo ntibisubiranywe cyangwa ahacishijwe umuhanda bigasiga abaturage mu manegeka, umuturage akwiye kumenya ibiba biteganyijwe iyo hakozwe inyigo nk'iyo ndetse akaba yakurikirana uburenganzira bwe."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburasirazuba Dr. Nyirahabimana Jeanne yagaragaje ko iki cyumba kigiye gufasha abaturage gusobanukirwa amategeko ajyane no kurengera ibidukikije.

Yagize ati: "Iyi ni gahunda igiye kudufasha gusobanura politiki za Leta, gusobanura amategeko dushyira umwihariko ku bidukikije n'ibikorwa birebana n'ibidukikije nk'ubucukuzi bw'amabuye, ese bukorwa bute? Ese ababukora ntabwo ubuzima bwabo buba buri mu kaga? Ibyo byose bikwiye gusobanuka kandi bigasobanurirwa ababikora."

Muri iki cyumba harimo udutabo tuvuga ku mategeko, uburyo bw'ikoranabuhanga buzajya bwifashishwa n'abakigana kugira ngo babone amakuru bifuza, ku kandi bazahagana bafite imanza harimo zimwe mu manza zishobora kwifashishwa zaciwe zikaba zashingirwaho mu zindi manza.

Ubushakashatsi bwakozwe n'Umuryango Mpuzamahanga Urwanya Ruswa n'Akarengane Ishami ry'u Rwanda (Transperancy International Rwanda) bugaragaza ko ingaruka zo kutita ku bidukikije zigera ku bagore cyane kurusha abagabo, aho abagore bagerwaho n'ingaruka bangana na 75 %.

# Inka yamuteje imbere yubaka inzu ya miliyoni 15Frw

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Nzabahimana Sipiriyani wo mu Karere ka Rutsiro, Umurenge wa Mushubati, Akagari ka Sure, Umudugudu wa Kaduha avuga ko yatangiye korora inka ayikuye ku mubyeyi we amaze gushinga urwe, imubera intangiriro nziza y'ubuzima kuko yamufashije kugura imirima, kubaka inzu ya miliyoni 15Frw akaninjiza 300,000 Frw mu mezi atatu ava mu buhinzi.***

Nzabahimana Sipiriyani w'imyaka 65 ahamya ko ufite inka aba afite ubukire.

Yagize ati: "Iyo ufite inka uba wakize kuko ikugeza ku iterambere. Iyo ufite inka ubasha kubona ifumbire, ugahinga ukeza ndetse ukagura n'imirima nk'uko nabashije kubigenza. Natangiye korora mbikuye ku mubyeyi wanjye kuko nagiye gushinga urugo, aranyoroza ampa inka imwe nyiheraho."

Yakomeje agira ati: "Mbere naragiraga inka nkiri muto, kwitwara neza kwanjye bituma data ampa inka. Ntabwo nari naragize amahirwe yo kwiga ku buryo navuga ko hari ikindi nari ntegereje kuzakora. Njye n'uwo twashakanye twarayiragiye muri icyo gihe mfite nk'imyaka 25 uko ibyaye tukayigurisha tukabasha kwikenura dukora n'ibikorwa by'ahazaza".

Yahamije ko inka yahawe, yabyaye 2 akazigurisha akabasha kugura ikibanza ndetse agatangira no kubakamo inzu.

Ati: "Sinibuka amafaranga baduhaye ariko twarategereje tugurisha inka 2 icyarimwe, ubwo twaguzemo ikibanza dutangira kubaka ntiyarangira nyuma iruzura none ubu tuyirimo.

Nyina yarasigaye, ikajya iduha ifumbire, n'amata tukazigama kugeza yuzuye idutwaye nka miliyoni 15 Frw, ariko kubera gusaza isigaranye nk'agaciro ka 5 000 000.

Ati: "Duhinga urutoki, tugahinga ibigori, tugahinga n'ibindi bihingwa mu mirima yacu bakabona umusaruro mwiza. Inka impa ifumbire n'amata nkabasha kwita ku muryango wanjye, abana bakajya ku ishuri kandi nkazigamira Ejo hazaza."

Nzabahimana Sipiriyini agira inama abakiri bato.

Ati: "Mu rugo baranyoroje nanjye nyifata neza, uko ibyaye nkagura akantu, uko ibyaye nkikenura kugeza ngeze ku byo navuze. Uyu munsi rero nasaba buri wese by'umwihariko abakiri bato gutangira korora inka, bakabyitoza kuko Abanyarwanda bo hambere bavugaga ko 'Ufite inka aba afite ubukire' kandi nasanze ari byo".

Yakomeje agira ati: "Inka iguha ifumbire, ikaguha amata kandi byose ni ibintu nkenerwa. Nabonye ifumbire nyishyira mu murima wanjye umusaruro urazamuka, nabonye amata abana baranywa andi ndayagurisha mbona amafaranga, muri make korora ni ingenzi cyane kandi na Leta yacu yashyizeho gahunda ya Girinka kuko yari yarabonye ko ari imwe mu nzira yafasha benshi kwigira kandi ababikoze neza barahirwa."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro ntibuhwema kubwira abaturage ko bakwiriye gufata neza inka kandi bakazikuramo umusaruro ubafasha kwiteza imbere.

Uwizeyimana Emmanuel, Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yabwiye Imvaho Nshya ko bashishikariza abaturage gufata neza inka kuko ari isoko y'iterambere.

Ati: "Umuturage ufashe neza inka aba akomeje igicaniro kuko imuvaho ikagera no kuri mugenzi we na we akiteza imbere."



Inka yatumye yiteza imbere



Ku bitaro bya Kabgayi hakenewe kongera umubare w'abaganga

# Kabgayi: Barataka ikibazo cy'ubuke bw'abaganga mu minsi isoza icyumweru

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Bamwe mu barwayi barwariye mu bitaro bya Kabgayi, bavuga ko ikibazo cy'ubuke bw'abaganga cyane cyane mu minsi isoza icyumweru, gituma hari abarwayi badahabwa serivisi.***

Umwe muri abo barwayi avuga ko mu minsi isoza icyumweru bahura n'imbogamizi y'abaganga ku buryo hari igihe batabona serivisi.

Ati: "Hari ikibazo dufite cy'abaganga badahagije cyane cyane mu minsi isoza icyumweru, kuko usanga hari nk'abaganga babiri bagakora ubutaruhuka no kunywa amazi ntibabibonere umwanya ku buryo utinya no kumusaba serivisi kubera ukuntu aba yananiwe rero dukeneye kongererwa abaganga."

Mugenzi we na we avuga ko mu minsi isoza icyumweru kuwa gatandatu no kucyumweru bahura n'imbogamizi y'abaganga bake.

Ati: "Hano mu bitaro duhura n'imbogamizi y'abaganga bake ariko cyane cyane ku wa Gatandatu no ku Cyumweru ku buryo ubuke bwabo butuma n'abahari bakora ubutaruhuka yakugeraho yananiwe hakaba hari serivisi z'ubuvuzi utinya ku musaba."

Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karere ka Muhanga Kamana Sostene, avuga ko ikibazo cy'abaganga badahagije Leta yihaye intego ko mu myaka ine kizaba cyamaze gushakirwa umuti urambye.

Ati: "Ikibazo cy'abaganga badahagije mu bitaro bya Kabgayi no mu bindi bitaro hirya no hino mu gihugu, Leta yihaye intego ko mu myaka ine iri imbere kizaba cyamaze gushakirwa umuti urambye, na cyane ko i Kabgayi n'aho hamaze gutangira kaminuza yigisha abaforomo n'ababyaza mu rwego rwo kwita kuri icyo kibazo."

Abarwayi bo mu bitaro bya Kabgayi usibye kugaragaza ikibazo cy'ubuke bw'abaganga cyane cyane mu mpera z'icyumweru, banashima ko hubatswe inzu y'ababyeyi ijyanye n'igihe.





## ITANGAZO RY'ISOKO

Rwanda Council of Veterinary Doctors
KG 569 St 1 Kacyiru
P.O.Box: 2949 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 78 888 3525
Email: info@rcvd.rw
Website : www.rcvd.rw

Ordre des Médecins Vétérinaires au Rwanda
KG 569 St 1 Kacyiru
B.P.: 2949 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 78 888 3525
Email: info@rcvd.rw
Website : www.rcvd.rw

**REQUEST FOR EXPRESSIONS OF INTEREST**

With reference to the Law N° 56/2013 of 09/08/2013 establishing Rwanda Council of Veterinary Doctors and determining its mission, organization and functioning, especially in its articles 2, 3, 6, and 7;

In order to implement the Instructions N° 030/RCVD/2022 of 09 February 2022 regulating the continuous professional development for veterinary professionals / paraprofessionals and accreditation of CPD providers and registration of CPD activities and/or programs in Rwanda ;

**CPD or Continuous Professional Development** being any activity or program that provides added value to the capability of the veterinary professionals and paraprofessionals through the increase in knowledge, skills and personal qualities necessary for the appropriate execution of veterinary professional and technical duties;

**CPD Provider** being an institution, organization, or group of professionals that is accredited by Rwanda Council of Veterinary Doctors (RCVD) to develop and provide CPD activities or programs as well as to issue certificates of CPD completion under the authority of the accrediting body. These CPD providers such as faculties of veterinary sciences, Colleges or Schools of animal health and professional organizations/bodies (national and international) have the expertise to produce and assume responsibility for CPD activities at a local or national level;

**CPD Activity** being a session that meets an educational and developmental need; and provides an effective learning experience for the participant. 1 CPD hour shall be 45 - 60 minutes long;

Rwanda Council of Veterinary Doctors (RCVD) now invites applications from eligible service providers who are willing to ensure the provision of the highest quality of animal health through a variety of structured educational opportunities that incorporate the most current knowledge, skills and ethical attitudes in all disciplines of animal health sciences, to introduce their offer.

Interested service providers may get detailed more information about this national request for expressions of interest from RCVD Headquarter (Hq), located in Kacyiru (Kigali City) - Po Box 2949 Kigali, KG 569 St 1 Kacyiru - Tel: (+250) 78 888 3525

Expressions of interest, in 2 copies, 1 original and 2 copies, and mention object: "EXPRESSIONS OF INTEREST FOR THE SELECTION AND ACCREDITATION OF CPD PROVIDERS" must be delivered, not later than **Friday 04 April 2025** at 10h00 a.m. to RCVD Hq and will be accompanied with other administrative documents mentioned in the request for expressions of interest document.

After the evaluation, only selected applicants will be contacted for further steps

*Done in Kigali, on* 13/03/2025

**Dr KAYUMBA Charles**
**Chairperson of Rwanda Council of Veterinary Doctors**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

MINISTRY OF HEALTH
RUTARE MEDICALIZED HC

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO**

Ubuyobozi bw'ikigo nderabuzima gitanga serivice zo kurwego rwa Dogiteri cya Rutare kihereye mu karere ka Gicumbi mu murernge wa Rutare buramenyesha ba rwiyemezamirimo, babyifuza kandi babifitiye ubushobozi n'ubushake, banditse mugitabo cy'ubucuruzi no muri TVA, ko hari isoko rya Maintenance and Repair of V[illegible]hicles nkuko bigaragara muri iyi mbonerahamwe:

| Ubwoko bw'Imodoka | Plaque Numero | N° Moteur | N° Chassis | Fabrication Year | ITALIKI |
|---|---|---|---|---|---|
| Toyota Hilux | GP 020B | 5L-6054561 | AHTF22G403025365 | 2007 | 26/11/2013 |
| Toyota Land Cruse 78HT(ambulance) | GR 708 E | | JTERB71J00F028665 | 2024 | 13/06/2024 |

Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw'ikigo nderabuzima cya Rutare guhera taliki ya 14 werurwe 2025 herekanywe inyemezabwishyu yishyuriweho amafranga ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda(10.000frw) Adasubuzwa .kuri konti numero: **558346734310198** yanditse kumazina **Centre de Sante Rutare** iboneka muri banki y'abaturage y'u Rwanda ishami rya Rutare.

Amabaruwa afunze neza yanditseho inyito y'isoko igaragara muriyi baruwa, irimo ibiciro,inyandiko y'ipiganwa imwe y'umwimerere na kopi eshatu zayo zizatangwa mubunyamabanga rusange bw'ikigo nderabuzima cya Rutare bitarenze kuwa 04 mata 2025 saa Tatu z'amanywa 09h00).
Gufungura amabaruwa arimo inyandiko z'ipiganwa bizakorwa kuwa 4 mata 2025 saa tatu n'igice (09h30) zuzuye mu cyumba cy'inama cy'ikigo nderabuzima cya Rutare.

Bikorewe i Rutare kuwa 13 Werurwe 2025

Dr.DUSINGIZIMANA Jacques

Director Rutare Medicalized HC

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro
Umurenge wa Masaka

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Umurenge wa Masaka uratumira ba rwiyemezamirimo, amakoperative na kampani zujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira:

| N° | Izina ry'isoko | Numero y'isoko | Itariki kwakira ibitabo | Itariki yo gufungura ibitabo |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Isoko ryo kwakira abashyitsi n'abakozi mu Murenge wa Masaka. | No:01/S/2024-2025/MAS-SECTOR | 12/04/2025 saa 10:00AM | 12/04/2025 saa 10:30AM |
| 2 | Isoko ryo gutwara abantu | No:06/S/2024-2025/MAS-SECTOR | 12/04/2025 Saa 11:00 AM | 12/04/2025 Saa 11:30 AM |
| 3 | Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro (office furniture and fitting) | No:8/SU/2024-2025/MAS-SECTOR | 12/04/2025 saa 13:30AM | 12/04/2025 saa 14:00AM |

Inyandiko z'ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Masaka mu minsi yose y'akazi guhera kuwa 20/03/2025 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga **10000frw** adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority. Kwakira inyandiko z'ipiganwa biteganyijwe ku matariki yagaragajwe mu mbonerahamwe, mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Masaka, bikazabera mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Masaka.

Bikorewe i Masaka kuwa 14/03/2025.

**NDUWAYEZU Alfred**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Masaka

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

KIMIRONKO, Kuwa 12/03/2025

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO
UMURENGE WA KIMIRONKO
Telephone: 0788315593/0789841756

**ITANGAZO GUTANGA AMASOKO YA LETA**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kimironko, bunejejwe no gutumira ba Rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, kuza gupiganira isoko riri mu mbonerahamwe ikurikira:

| NO | Izina ry ' isoko | Nimero y'isoko | Agaciro k'inyandiko y'ipiganwa | Itariki n'isaha yo kwakira inyandiko | Itariki n'isaha yo gufungura inyandiko |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Isoko ryo kugemura amafunguro n'ibinyobwa kurwego rwa Restaurent mu Murenge wa Kimironko | N0 07/KIM/2024-2025 | 10.000 frw | 02/04/2024, Saa tatu n'igice za mugitondo(9h30), mu biro by'Umurenge wa Kimironko, muri service social | 02/04/2025,Saa (10h00), muri sale ntoya y'Umurenge wa Kimironko |
| 2 | Isoko ryo gusana ibikoresho byo mu biro biramba | N0 08/KIM/2024-2025 | 10.000 frw | 02/04/2024, Saa tatu n'igice za mugitondo(9h30), mu biro by'Umurenge wa Kimironko, muri service social | 02/04/2025,Saa (10h00), muri sale ntoya y'Umurenge wa Kimironko |

Ababyifuza barasabwa kuza gutwara inyandiko zikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa, mu biro bya service social . kuwa 14/03/2025, mu Masaha y'akazi, nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi (10.000 Frw), adasubizwa kuri konti ya RRA iri muri banki y'ubucuruzi iyo ariyo yose. Inyandiko zigaragaza ibiciro, ziherekejwe n'ibyangombwa, bisabwa mu mabwiriza, zizakirwa ku itariki n'isaha byagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru.

Bikorewe i Kimironko kuwa 12/03/2025

MUSASANGOHE Providance

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimironko

## ITANGAZO RY'ISOKO

No 203 /NIRVI

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
UMURENGE WA SIMBI
E-mail simbisector@huye.gov.rw
Phone: 0786829437

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Simbi, mu Karere ka Huye buramenyesha ba rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko akurikira:

**Lot N°1: 05/G/2024/2025/SIMBI SECTOR:**Kujyemura umucanga wo kubaka imikingo (Retaining wall) kuri Ep Nyangazi na Ep Cyendajuru.

**Lot N°2: 06/G/2024/2025/SIMBI SECTOR:**Kujyemura Concasse icyenewe mu kubaka umukingo (Retaining wall) kuri Ep Nyangazi na Ep Cyendajuru.

**Lot N°3: 07/G/2024/2025/SIMBI SECTOR** Kujyemura Amabuye yo kubakisha umukingo (Retaining wall) kuri Ep Nyangazi na Ep Cyendajuru.

**Lot N°4: 08/G/2024/2025/SIMBI SECTOR:** Kujyemura ibikoresho byo muri quincallerie bicyenewe mukubaka Umukingo kuri Ep Nyangazi na Ep Cyendajuru.

**Lot N°5: 09/G/2024/2025/SIMBI SECTOR:** Kujyemura ibikoresho by'ibikwa n'imbaho Bicyenewe mukubaka Umukingo kuri Ep Nyangazi na Ep Cyendajuru.

**Amafaranga yo kugura igitabo cy'ipiganwa ni ibihumbi icumi y' U Rwanda 10,000Frw.**

Abifuza gupiganira ayo masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'Ubunyamabanga bw'Umurenge guhera tariki ya 12/03/2025, nyuma yo kwishyura amafaranga yo kugura igitabo cy'ipiganwa adasubizwa, yishyurirwa muri RRA. Amabahasha afunze neza arimo ibiciro n'ibindi byangombwa bigaragara mu gitabo cy'amabwiriza y'ipiganwa bigomba kuba byagejejwe ku biro by'ushinzwe Ubunyamabanga bitarenze tariki ya 21/03/2025 i saa tanu zuzuye za mugitondo (11h00). Gufungura amabahasha mu ruhame ni kuri iyo tariki ya 21/03/2025 i saa tanu n'igice za mugitondo (11h30) mu cyumba cy'inama, abapiganwa bemerewe kuba bahari cyangwa bahagarariwe.

N.B: Nta rwiyemezamirimo wemerewe gupiganirwa amasoko arenze abiri (Lot ebyiri).

Bikorewe i Simbi, taliki ya **10/03/2025**

**UWUMUKIZA Marie Jeanne**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Simbi

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
DIOCESE YA BUTARE
AKARERE KA NYANZA

ECOLE DES SCIENCES SAINT LOUIS DE MONTFORT NYANZA
B.P: 30 NYANZA
Email: esclmnyanza@gmail.com
Tel: 0788597099

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RY'IGIHEMBWE CYA GATATU 2024/2025


Ubuyobozi bw'ishuri rya **ECOLE DES SCIENCES SAINT LOUIS DE MONTFORT NYANZA** riherereye mu murenge wa Busasamana, Akarere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo; burahamagarira ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko **ry'ibiribwa bihunikwa (Lot 1), Ibikoresho byo kubaka, ibikoresho by'amazi, ibikoresho by'amashanrazi n'ibya soudure (Lot2), Ibikoresho byo mubiro n'iby'isuku (Lot 3), Inkwi z'inturusu (Lot 4)** by'igihembwe cya gatatu 2024-2025. Abifuza gupiganira iryo soko basabwe kuza gufata ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'umunyamabanga w'iryo shuri mu masaha y'akazi, guhera tariki ya 11/03/2025 kugeza tariki ya 11/04/2025, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda **(5,000Frw)** adasubizwa kuri konti y'ishuri no **100000429575** muri Banki ya Kigali (BK). Amabahasha afunze neza kandi arimo ibitabo bine (umwimerere na kopi 3), bifungiye mu ibahasha imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'iryo shuri bitarenze tariki ya **12/04/2025 saa yine (10h00)** za mugitondo. Gufungura ayo mabahasha bizakorwa kuri uwo munsi, tariki ya **12/04/2025 saa yine n'igice (10h30)** za mu gitondo mu cyumba cy'inama cy'iryo shuri.

Bikorewe i Nyanza kuwa 11/03/2025.

**Padiri Egide NIYOMUGABO**

**Umuyobozi w'ishuri**

# Macedonia: Abantu 59 bishwe n'inkongi yibasiye akabyiniro




**Akabyiniro kafashwe n'inkongi 59 mu bari mu gitaramo bahasiga ubuzima**

**Abantu 59 ni bo bari kubarurwa ko bapfuye abandi barenga 150 bakomeretswa n'inkongi y'umuriro yibasiye akabyiniro ka 'Pulse' kari i Kocani mu bilometero 100 uvuye mu Murwa Mukuru Skopje muri Repubulika ya Macedonia y'Amajyaruguru.**

Kuri iki Cyumweru, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Panche Toshkovski, yavuze ko nibura 59 ari bo babaruwe ko bapfuye mu gihe hatanzwe impapuro zo guta muri yombi bane bakekwaho kuba ba nyirabayazana b'iyo nkongi.

Akabyiniro ka Pulse kahiye mu ijoro ubwo abantu bari bizihiwe mu gitaramo cy'itsinda 'DNK' ryari ku rubyiniro ribasusurutsa.

Amashusho yakwirakwiriye yerekanye abantu batangira kurasa ibishashi ku rubyiniro bijya bikoreshwa mu gihe cy'ibitaramo bikimara kuba byinshi byadukira igisenge bitewe n'uko cyari cyubatse mu buryo bworoshye umwotsi wuzura hose ndetse hatangira gushya.

Ikinyamakuru Sloboden Pecat cyo muri iki gihugu cyatangaje ko Guverinoma iteganya gushyiraho icyunamo cy'iminsi irindwi cyo kuzirikana abahasize ubuzima ndetse hagakorwa ubugenzuzi ku nzu zose zikorerwamo ibirori na za resitora.

Minisitiri w'Intebe Hristijan Mickoski, yanditse ku rubuga rwa Facebook ko ari inkuru ibabaje ku gihugu, imiryango n'inshuti, kuba ubuzima bw'urubyiruko bwahatikiriye.

Nubwo ngo bikigoye kumenya umwirondoro w'abahasize ubuzima, Hristijan yahamagariye inzego zose zirimo iz'ubuzima gufasha abakomeretse ndetse hagafatwa ingamba zo gufasha imiryango y'abagize ibyago.





Imvaho Nshya Imyidagaduro



**Dj Ira yemerewe ubwenegihugu bw'u Rwanda**

# Perezida Kagame yahaye ubwenegihugu bw'u Rwanda Umurundikazi Dj Ira

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umurundikazi Iradukunda Grace Divine wamamaye cyane nka DJ Ira yasabye Perezida Kagame ubwenegihugu bw'u Rwanda arabumwemerera, asaba inzego bireba gukora ibisigaye.***

Ibi byabaye ku Cyumweru tariki 16 Werurwe 2025, ubwo Abanyarwanda batandukanye bari bahuriye muri BK Arena, muri gahunda Perezida asanzwe agira yo kwegera no kuganira n'abaturage.

Ubwo hari hagezweho umwanya wo kwakira ibibazo n'ibitekerezo, Dj Ira ukundwa n'abatari bake mu mwuga wo kuvanga imiziki, yahawe ijambo, arikoresha asaba ubwenegihugu.

Mu magambo ye yagize ati: "Icya mbere nyakubahwa nashakaga kubashimira hamwe n'abo mufatanyije mu nzego zitandukanye, ukuntu abana b'Abanyamahanga duhabwa amahirwe nk'undi mwana wese w'Umunyarwanda, ikindi Ni ukubashimira ukuntu umwana w'umukobwa ahabwa amahirwe nk'undi mwana wese w'umuhugu.

[…] Iki gihugu njyewe nakigiriyemo umugisha, mu bikorwa byo kwiyamamaza twari kumwe kugeza ku gihe mwarahiriye kuri Sitade Amahoro. Ni ikintu kidasanzwe cyane, icyifuzo cyanjye kwari ukubasaba ubwenegihugu bw'u Rwanda nkitwa umwana w'Umunyarwandakazi nkibera uwanyu."

Mu kumusubiza, Perezida Kagame yabimwemereye, asaba inzego zibishinzwe kubikurikirana bakazabimufashamo.

Dj Ira asabye ubwenegihugu mu gihe hashize imyaka 10 ari mu Rwanda kimwe n'abandi Barundi benshi bari hirya no hino mu gihugu no mu nkambi ya Mahama by'umwihariko.

Bahunze Igihugu cyabo ubwo uwari umukuru w'icyo gihugu Pierre Nkurunziza yashakaga kwiyamamariza manda ya gatatu bigatuma hategurwa kudeta yapfubye.

Abenshi bahunze Igihugu guhera mu 2015, kugeza n'uyu munsi ntibarizera umutekano w'Igihugu cyabo ku buryo bahita bataha.

# Massamba yashimiye Perezida Kagame ukomeje guhagarara ku Rwanda



**Massamba yashimye Umukuru w'Igihugu Paul Kagame aho agejeje u Rwanda**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Intore Massamba umuhanzi muri gakondo akaba n'umwe mu batoza b'Itorero ry'Igihugu Urukerereza, yashimiye Perezida Paul Kagame ukomeje gufasha Abanyarwanda guharanira uburenganzira bwabo, amwizeza ko bari kumwe mu bihe u Rwanda rurimo gucamo.***

Yabigarutseho mu gitaramo 'Inka' cyateguwe n'Itorero Inyamibwa cyabereye muri Camp Kigali ku mugoroba wa tariki 15 Werurwe 2025.

Ubwo igitaramo cyari kigeze hagati, Umuyobozi w'Itorero Rusagara Rodrigue, yafashe umwanya ashimira abantu batandukanye barimo intore zababanjirije zirimo Massamba na Muyango, abasaba kujya ku rubyiniro bakakirizwa amashyi y'urufaya.

Bakigera ku rubyiniro, Massamba yahawe ijambo yakoresheje ashimiramo Perezida Paul Kagame ukomeje guharanira uburenganzira bw'Abanyarwanda.

Yagize ati: "Nagira ngo mumpere amashyi menshi cyane Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Isi yose ihanze amaso u Rwanda. Ibyo idushakaho murabizi ariko yaba inzara, kubabara, twarashonje bihagije ntacyo bazadukangisha."

Yakomeje agira ati: "[…] Kubera amateka yacu. Ubuhunzi tukajya gushaka Igihugu tukakibona cyiza cyane, hari abandi babigenje uko natwe twabigenje kandi ntacyo bitwaye na gato, ni cyo gituma abashaka kuduhora ibyo bishakiye twizeye ko batazagira icyo badutwara na kimwe. Urinzwe n'intare ntacyo aba."

Massamba yasoreje ku ndirimbo zitandukanye zirimo 'U Rwanda Mureba' yakunze gukoreshwa mu kwamamaza Perezida Kagame, 'Iya mbere Ukwakira', 'Forteen' (Abasore twarutashye) asoreza kuri 'Sisi Wenyewe'.

Uretse Massamba waririmbye, Muyango afatanyije n'itsinda rya Ange na Pamela bafatanyije kuririmba indirimbo 'Karame uwangabiye' igaruka ku bigwi bya Perezida Kagame.

Hanaririmbwe izindi indirimbo zizihiza intwari nka 'Urugamba ngo Rurahinda' izwi'Maji Maji' yakunzwe ikanabyinwa n'abatari bake.

Ni igitaramo cytiriwe 'Inka' cyagaragayemo indirimbo, imbyino n'umukino, byose byagarukaga ku mwihariko w'inka, ubukungu bwayo, hamwe n'icyo ivuze mu muco w'Abanyarwanda, baba abo mu binyejana byo hambere ndetse n'ab'ubu.

Uretse iki gitaramo, Inyamibwa zimaze igihe zitangaje ko zigiye gukurikizaho ibindi bitaramo birimo ikizabera mu Karere ka Huye, ari na ho iryo torero ryavukiye, muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda, hamwe n'ikindi bateganya kuzakorera i Kampala muri Uganda.

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-4 TARIKI 11-17 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

## Rayon Sports yatsinze AS Kigali ikomeza gushimangira umwanya wa mbere

**SHEMA Ivan**

Rayon Sports yatsinze AS Kigali ibitego 2-1 mu mukino w'umunsi wa 21 wa Shampiyona, ikomeza gushimangira umwanya wa mbere ku rutonde rwa shampiyona.

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 15 Werurwe 2025, kuri Kigali Pele Stadium.

Rayon Sports yagiye muri uyu mukino ishaka intsinzi yo kuyifasha gusiga mukeba wayo APR FC irusha amanota ane.

Ku rundi ruhande AS Kigali na yo yashakaga amanota atatu yo gukomeza gushimangira umwanya wa gatatu.

Muri uyu mukino, Rayon Sports yatangiranye imbaraga isatira izamu rya AS Kigali ishaka gufungura amazamu hakiri kare.

Ku munota wa 10, AS Kigali yakinaga buke yashoboraga gufungura amazamu ku mupira watakajwe n'Ubwugarizi bwa Rayon Sports, usanga Emmanuel Okwi mu rubuga rw'amahina, awukinisha nabi Daffe ujya muri koruneri itagize icyo itanga.



**Rayon Sorts yatsinze AS Kigali**

Ku munota wa 15, Rayon Sports yahushije uburyo bw'igitego ku mupira watewe na Rukundo Abdul Rahman ukurwamo n'umunyezamu Niyonkuru Pascal mbere y'uko Franklin Onyeabor awukura mu rubuga rw'amahina.

Ku munota wa 26, AS Kigali yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Emmanuel Arnold Okwi arobye umunyezamu Khadime Ndiaye wari wasohotse ku mupira Bugingo Hakim yananiwe gufunga woherejwe mu bwugarizi bwa Rayon Sports.

Nyuma yo gutsindwa Rayon Sports yagarukanye gusatira ishaka igitego cyo kwishyura harimo umupira wahinduwe na Omborenga Fitina mu rubuga rw'amahina, ushyirwa muri koruneri na Onyeabor.

Iminota itanu ya nyuma y'igice cya mbere yihariwe na Rayon Sports nyuma yaho AS Kigali yari yasubiye inyuma kugarira.

Igice cya mbere cyarangiye AS Kigali yatsinze Rayon Sports igitego 1-0 cya Emmanuel Arnold Okwi.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka Kanamugire Roger na Aziz Bassane basimbura Souleymane Daffe na Rukundo Abdul Rahman.

Ni nako byagenze Kuri AS Kigali aho Nshimirimana Jospin yasimbuye Ndayishimiye Didier

Ku munota wa 52, Rayon Sports yashoboraga kubona igitego cyo kwishyura ku gitego cyatsinzwe na Biramahire Abeddy n'umutwe ku mupira wari uhinduwe na Omborenga Fitina, ariko umusifuzi wo ku ruhande, Maniragaba Valery, agaragaza ko hari habayeho kurarira.

Ku munota wa 59, AS Kigali yabuze amahirwe yo kubona igitego cya kabiri ku ishoti rikomeye ryatewe na Nshimiyimana Tharcisse ari mu rubuga rwa Rayon Sports rikurwamo na Khadime Ndiaye mbere yo gufata neza umupira.

Ku munota wa 64, Kanamugire Roger yishyuriye Rayon Sports n'umutwe ku mupira wari uvuye muri koruneri yatewe na Muhire Kevin.

Ku munota wa 73, Rayon Sports yatsinze igitego cya kabiri cyatsinzwe na Biramahire Abeddy, aroba umunyezamu Niyonkuru Pascal wari wasohotse.

Mbere y'uko umukino urangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itanu y'inyongera.

Rayon Sports yakomeje gushaka igitego cya gatatu ba myugariro ba AS Kigali bakomeza guhagarara neza.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze AS Kigali ibitego 2-1, ikomeza gushimangira umwanya wa mbere muri Shampiyona n'amanota 46 irusha APR FC ya Kabiri amanota ane.

AS Kigali yagumye ku wa Kane n'amanota 33.

## Handball: U Rwanda rwegukanye umwanya wa 3 muri 'Inter-Continental Trophy'

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'u Rwanda y'Abatarengeje imyaka 21 mu mukino wa Handball, yegukanye umwanya wa gatatu mu irushanwa rya IHFTrophy/ Intercontinental phase", nyuma yo gutsinda Bulgaria ibitego 48-31.***

Uyu mukino wabaye kuri iki cyumweru tariki ya 16 Werurwe 2025, muri 'Palace of Youth and Sports' i Prisitina muri Kosovo aho iri rushanwa rihuza imigabane ryari rimaze iminsi ribera.

Amakipe yombi yagiye gukina yarasezerewe muri 1/2 aho u Rwanda rwasezerewe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) mu gihe Bulgaria yasezerewe na Uzbekistan.

Ni umukino utari woroshye na gato kuko u Rwanda rwagerageje gutsinda amanota menshi mu ntangiriro ndetse no gukomeza kuyobora umukino, byatumye igice cya mbere kirangira rufite ibitego 21-18.

U Rwanda rwari ruhagarariye Afurika rwakomeje kongera ikinyuranyo kugeza rubonye intsinzi y'ibitego 48-31 rwegukana Umudali w'Umuringa muri IHF Trophy/Intercontinental phase.

Yves Kayijamahe w'u Rwanda, ni we wahawe igihembo cy'umukinnyi mwiza w'umukino nyuma gufasha ikipe ye gutsinda ibitego byinshi.

Yabaye Umunyarwanda wa gatatu wabonye iki gihembo nyuma ya Uwayezu Arsène na Kwisanga Peter.

Umukino wa nyuma muri iri rushanwa ukaba ugomba guhuza Uzbekistan na Leta Zunze Ubumwe za Amerika.